# Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO. E-32 | TARIKI 23-29 NZERI 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU
U Rwanda rwanenze ibihugu bikanda miza ibindi byitwaje inkunga 4

AMAKURU
Ntimukabe indore-rezi- Perezida Kagame ahanura urubyiruko rwa Afurika 5

MU NTARA
Muhanga: Aborozi bahendwa n'ibiryo by'amafi bagura Iburasi razuba 14

IMYIDAGADURO
The Ben agiye gutaramira i Manchester mu Bwongereza 22

# U Rwanda na Misiri byakuri-yeho viza abatunze Pasiporo z'akazi

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa Gatandatu tariki ya 27 Nzeri 2025, Guverinoma y'u Rwanda n'iya Misiri byakuri-yeho viza abatunze Pasiporo z'akazi zitungwa n'abagize Guverinoma, abadipolomate n'abandi bakozi bahawe ubutumwa na Leta bwo kujya hanze.***

Iyi ntambwe yitezweho gufasha abayobozi ba Guve-rinoma n'abadipolomate kujya bagenderanira nta nkomyi mu ngendo z'akazi zigamije kurushaho kwimakaza ubut-wererane bw'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.


KOMEZA KU RUP.3



**Kaminuza y'u Rwanda n'iya Korea y'Epfo byemeje guteza imbere ubushakashatsi**

INKURU KU URUP.8

# Perezida Kagame yashimiye Abanyarwanda basigiye UCI urwibutso



Perezida Kagame yitabiriye umuhango wo gusoza UCI 2025

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yashimiye Abanyarwanda bagaragaje ubwitange mu gushyigikira imigendekere myiza ya Shampiyona y'Isi y'Amagare imaze igihe kirenga icyumweru ibera i Kigali.***

Yashimiye kandi Perezida w'Impuzamashyirahamwe y'Umukino w'Amagare ku Isi (UCI) David Lappartient n'itsinda rimugaragiye, ndetse n'inzego z'umutekano zafashije mu gutuma Isiganwa Mpuzamahanga ry'Amagare rya 2025 risiga urwibutso rutazibagirana.

Mu butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga, ku mugoroba wo ku Cyumweru tariki ya 28 Nzeri, nyuma y'uko Tadej Pogačar yegukanye umudali wa zahabu mu irushanwa rya nyuma, Perezida Kagame yagaragaje uburyo u Rwanda rutewe ishema n'umusaruro wa UCI i Kigali.

Yagize ati: "U Rwanda rutewe ishema no kuba rwakiriye iyi Shampiyona y'Isi y'Amagare ya UCI. Ndashimira abakinnyi bose bahatanye mu bice binyuranye by'Umurwa Mukuru wacu ibyo bagezeho no kwihangana bagaragaje.

Mbikuye ku mutima ndashimira inshuti yanjye David Lappartient, itsinda rya UCI, abafatanyabikorwa bacu, inzego z'umutekano n'abaturage b'u Rwanda bagaragaje ubushake n'ubwitange byatumye iri siganwa riba iritazibagirana."

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# U Rwanda rwakiriye imiryango isaga 100 ivuye muri RDC



Abatahutse biganjemo abagore n'abana, abenshi ni ubwa mbere bari bageze mu Rwanda

ZIGAMA Theoneste

***Ku wa Gatatu, tariki 24 Nzeri 2025, u Rwanda rwakiriye imiryango 101 y'Abanyarwanda igizwe n'abantu 314, yatahutse ivuye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) inyura ku mupaka wa Grande Barrière mu Karere ka Rubavu.***

Abo baturage, biganjemo abagore n'abana, bakiriwe n'abayobozi b'u Rwanda ndetse n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR).

Bamwe mu bagize iryo tsinda ni bwo bwa mbere bari bageze mu Rwanda, aho bamwe bari bamaze imyaka irenga 30 basiragira mu mashyamba ya Congo.

Bavuze ko abarwanyi b'umutwe w'iterabwoba FDLR, umutwe washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari bo bari babafashe bugwate ngo batabasha kuva mu mashyamba ya Congo, babatera ubwoba cyangwa bababeshya ko u Rwanda rutekanye.

Icyo gikorwa cyo gutaha gishingiye ku masezerano yo gukomeza gucyura impunzi, yemejwe mu nama yabereye i Addis Abeba muri Kamena, yahuje u Rwanda, RDC na UNHCR ku bijyanye no gucyura impunzi ku bushake.

Nyuma yo kugera mu Rwanda, abo batahutse bajyanywe mu kigo cya Nyarushishi giherereye mu Karere ka Rusizi aho bazabanza kwakirirwa by'agateganyo mbere yo gusubizwa mu miryango yabo.

Icyo gikorwa cyo gutaha kwabo cyiyongera ku bandi barenga 4,000 bamaze gutahuka bavuye muri RDC kuva muri Mutarama 2025, bituma umubare w'abamaze gutahuka kuva mu 1994 ugera kuri miliyoni 3.5, nk'uko Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) ibitangaza.

# U Rwanda ruzi ikiguzi cyo kurebera- Minisitiri Nduhungirehe

NTAWITONDA Jean Claude

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yasabye Umuryango Mpuzamahanga kureka kurebera kuko bisiga ikiguzi kiremereye kirimo no kubura ubuzima bw'abantu benshi, ahamya ko u Rwanda ruzi icyo kiguzi kurusha undi uwo ari we wese.***

Amb. Nduhungirehe yabigarutseho ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye ibiganiro byibandaga kuri politiki mpuzamahanga ishimangira inshingano zo Kurinda (R2P), byabereye aharimo kubera Inama z'Inteko Rusange ry'Umuryango w'Abibumbye ibaye ku nshuro ya 80, ku wa Kabiri tariki ya 28.

R2P yatangijwe mu mwaka wa 2005 ubwo ibihugu bihuriye muri Loni byiyemezaga guhuza imbaraga mu gukumira Jenoside, ibyaha by'intambara, ihonyabwoko, ndetse n'ibyaha byibasiriye inyoko muntu.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko ibiganiro bagiranye biri mu bigize inshingano z'ibihugu zo gukumira Jenoside, ibyaha by'intambara, ihonyabwoko n'ibyaha byibasiye inyoko muntu.

Yavuze ko nyuma y'imyaka 20 ishize, inkingi za R2P zigenda zijegajega bu gushyirwa mu bikorwa, zirimo inshingano za buri gihugu zo kurinda abaturage bacyo, ubutabazi mpuzamahanga no kubaka ubushobozi no gutabara cyangwa gufata icyemezo mu maguru mashya.

Ati: "Nyuma y'imyaka 20 ishize izo nkingi zigenda biguru ntege mu gushyirwa mu bikorwa. U Rwanda ruzi cyane kurusha ibindi bihugu ikiguzi cyo kurebera. Tumaze igihe tuvuga ko imiyoborere myiza na politiki zidaheza no kurwanya ivangura ari umusingi wo kwirinda, ariko mu Karere k'Ibiyaga Bigari uyu munsi tubona ubwiyongere bw'imvugo z'urwango, ubwicanyi bushingiye ku nkomoko n'ingengabitekerezo yihuta cyane ibyo bikaba ari ibimenyetso by'impuruza tudakwiye kwirengagiza."

Yavuze ko ibyo bibazo bigaragara mu Karere atari iby'uyu munsi, ahubwo byashibutse ku karengane gateguwe n'inzego, guhindura inkomoko y'abantu ku bushake n'ibindi.

Yanenze Umuryango Mpuzamahanga ukomeza kugwa ikinya urebera amahano akorwa, ahubwo ugahugira mu gutanga amatangazo abogamiye ku makuru y'ibinyoma na raporo zitagenzuwe.

Ibyo ngo bitiza umurindi umugambi w'abanyabyaha bahimbye inkuru zihindura abarengana abanyabyaha, n'abanyabyaha bagahinduka abarengana.

Yakomeje agira ati: "Niba R2P ikwiye kugarura ukwizerwa kwayo, ntikwiye gukoreshwa mu ivangura cyangwa cyangwa ngo iteshwe agaciro no kugendera ku makuru atari yo. Akarere k'Ibiyaga Bigari ni igihamya cyuko R2P ikwiye gukoreshwa bigendanye n'imiterere y'ahantu ndetse n'amateka ya ho."

Yavuze kandi ko guhangana n'impamvu shingiro zitera ibibazo mu Karere zirimo amakimbirane y'ubutaka, guhezwa, kwamburwa ubwenegihugu ndetse n'akarengane gashingiye ku mateka, bikwiye gushyirwa imbere.

Ati: "Bitabaye ibyo, ibimenyetso by'impuruza bizakomeza kwirengagizwa kugeza igihe bizaba bitagifite igaruriro. Ubusugire bukwiye kumvikana nk'inshingano, aho kuba ingabo ikingira abarebera."

Yahamije kandi ko ntawukwiye kureba ku giciro cy'ibikorwa mpuzamahanga by'ubutabazi mu gihe za Gucerinoma zananiwe kurinda abaturage bazo.

Yasabye ibihugu bihuriye muri Loni kugabanya gushidikanya no kuzuyaza mu izina ryo kurinda ubusugire bw'Igihugu, ati: "Ubuzima bugenda kubera kuzuyaza kwacu mu izina ry'ubusugire bw'igihugu, ni ubuzima bugambaniwe n'imikorere ya Loni twarahiriye gusigasira."

Yashimye ko Umuryango Mpuzamahanga wateye intambwe mu gushyiraho ibiro bikumira Jenoside ariko hagikenewe ibikorwa bifatika kuko R2P itazagenzurirwa ku mbwirwaruhame zitomoye ahubwo igenzurirwa ku bushobozi bwo gukumira Jenoside n'ibind byaha by'ubwicanyi rusange.

U Rwanda rwaboneyeho gusaba ko hatangira ibikorwa bifatika mu gusubiza ibimenyetso by'impuruza mu maguru mashya, na Loni igategura Politiki zigamije gukumira itarinze gutegereza ko hacukurwa imva rusange.

Icya kabiri u Rwanda rwasabye, ni ukugira inzego zikurikirana ibijyanye no kubazwa inshingano ku bakoresha imvugo z'urwango, kwamagana no kwima inkunga itangazamakuru n'abantu bashishikariza abandi gukora urugomo.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe ati: "Imvugo z'urwango si ubwisanzure mu gihe zitegura umuraho wa Jenoside. "

U Rwanda rwasabye Loni kandi kongerera ubushobzi ibihugu mu miyoborere cyane cyane ku bihugu biri mu kaga mu birebana n'imiyoborere no kongera gushimangira inshingano z'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano, kakareka kujya mu kinya igihe cyose abaturage bari mu kaga.





# Perezida Kagame yashimiye Abanyarwanda basigiye UCI urwibutso

IBIKURIKIRA URUP.1

Ni ku nshuro ya mbere mu mateka iri siganwa ribereye mu Rwanda no ku mugabane wa Afurika by'umwihariko, abakinnyi baryitabiriye baturutse imihanda yose ndetse n'abaje babaherekeje, bagaragaje ko batunguwe n'uburyo basanze hari Igihugu cy'Afurika cyigaragaje neza kurusha bimwe mu bihugu by'i Burayi.

Guhera ku wa 20 kugeza ku wa 28 Nzeri, byari ibirori by'amagare mu Mujyi wa Kigali wari umaze igihe kinini mu myiteguro itarakozwe mu mihanda yakiriye amasiganwa gusa, ahubwo yageze no kuri buri muturage w'Umujyi wa Kigali.

Abenshi mu bakozi batanze igihe cyabo ubudasiba bajya gufana amagare, abandi bakorera mu rugo kugira ngo batabangamira imigendekere myiza y'iryo siganwa.




Abanyarwanda n'abanyamahanga bashimiwe ubwitange bagaragaje

Iyi shampiyona yabaye igihamya kuri benshi batabyizeraga ko Afurika ifite ibyiza byinshi, ubushobozi n'ikibuga kibereye kwakira ibirori bikomeye ku rwego mpuzamahanga birimo n'isiganwa ry'amagare.

Isiganwa ryatangiranye n'amasiganwa n'igihe kuri buri mukinnyi ku giti cye yakomezanyije n'amasiganwa ya rusange yasojwe n'ay'abagabo yakorewe ku bilometero 267,5 byarimo ahaterera hangana na kilometero 5,475.

Impuguke mu by'umukino w'amagare zigaragaza ko guhatana mu mihanda y'Umujyi wa Kigali byasabaga kwihangana, ubuhanga n'imbaraga zo guterera ahantu hasaba icyuya cyinshi.

Imibare itangwa na UCI igaragaza ko abafana bagera kuri miliyoni ari bo barebeye ku muhanda iri siganwa.

Isiganwa ryabaga ku nshuro ya 98, risize Perezida Paul Kagame ahawe umudali w'indashyikirwa kubera uruhare runini yagize ngo ribere bwa mbere ku mugabane wa Afurika.

Biteganyijwe ko Shampiyona y'Isi y'Amagare ya 2026 izabera mu Mujyi wa Montréal muri Canada guhera tariki ya 20 kugeza ku ya 27 Nzeri

# U Rwanda na Misiri byakuriyeho viza abatunze Pasiporo z'akazi

IBIKURIKIRA URUP.1

Ni amasezerano yashyizweho umukono na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier wari uhagarariye u Rwanda, na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Misiri Badr Abdelatty.

Abo bayobozi bahuriye i New York muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), ahateraniye inama z'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye ibaye ku nshuro ya 80 (UNGA80).

Nyuma yo gushyira umukono kuri ayo masezerano, Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimangiye icyerekezo cy'u Rwanda cyo kuba mu Isi iruseho kwihuza mu kurushaho kubyara amahirwe n'ubukire busangiwe.

Isinywa ry'ayo masezerano rishimangira umusaruro w'uruzinduko Perezida wa Repubulika Paul Kagame aheruka kugirira i Cairo mu ntangiriro z'iki cyumweru.

Perezida Kagame yagiranye ibiganiro mu muhezo na mugenzi we wa Misiri Fattah El-Sisi, bemeranya kurushaho kwimakaza umubano w'ibihugu byombi mu nzego zitandukanye.

Nyuma y'ibyo biganiro, abayobozi bombi bakurikiranye isinywa ry'amasezerano atandukanye arimo ayo kongera umubano mu by'ishoramari, imicungire y'umutungo kamere w'amazi, guhana ubutaka bwifashishwa mu bikorwa by'iterambere n'ayo guteza imbere imijyi n'imiturire.


Abakuru b'Ibihugu byombi kandi bitabiriye ibiganiro byahuzaga amatsinda ahagarariye u Rwanda na Misiri mbere yo gushyira umukono kuri ayo masezerano afite uruhare rukomeye mu kurushaho kwimakaza umubano utanga umusaruro ufatika ku baturage b'impande zombi.

Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda na Misiri bifite amahirwe menshi yo kurushaho kwagura imikoranire itanga inyungu.

Ati: "U Rwanda na Misiri bifite amahirwe menshi yo kurushaho gukomeza umubano. Afurika ikungahaye ku mutungo kamere, ariko kugira ngo tuwungukireho by'ukuri, dukwiye kuwuhindura ibicuruzwa byongerewe agaciro."

Yongeyeho ati: "Icyo dushaka ni uruhererekane rurambye rw'iterambere, ruteguye neza kandi ruzanira ubukire abaturage bacu."

U Rwanda na Repububika y'Abarabu ya Misiri bikomeje kwishimira umusaruro w'umubano bifitanye umaze imyaka isaga 55.



U Rwanda na Misiri byashyize umukono ku masezerano akaraho Visa ku badipolomate

Amasezerano mashya yasinywe aje yongerera imbaraga ubufatanye ibihugu byombi bisanganywe mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, ubuzima, igisirikare, ibikorwa remezo n'uburezi.

Guverinoma ya Misiri ikomeje gushima umuvuduko w'iterambere ry'umubano w'icyo gihugu n'u Rwanda ndetse igashimangira ko yiteguye gukomeza gushyigikira intambwe nziza ikomeje guterwa mu butwererane mu by'ubukungu, ubucuruzi n'iterambere muri rusange.

Ibihugu byombi byizera kandi ko ubufatanye bwabyo buzarushaho kugirira akamaro abaturage babyo ari na ko bitanga umusanzu mu kurushaho kwimakaza ukwihuza kw'Afurika, guharanira iterambere n'umutekano urambye.

U Rwanda na Misiri bifitanye umubano mwiza umaze igihe kirekire, watangiye mu myaka ya 1970, aho Komisiyo Ihoraho y'Ubufatanye bwa mbere yashinzwe mu 1989.



IBIKURIKIRA URUP.1



U Rwanda na Misiri byasinyanye amasezerano mu nzego zitandukanye

# U Rwanda na Misiri byasinyanye amasezerano yagura ubutwererane

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku wa Kabiri tariki ya 23 Nzeri, u Rwanda na Misiri byasinyanye amasezerano atandukanye arimo ayo kongera umubano mu by'ishoramari, imicungire y'umutungo kamere w'amazi, guhana ubutaka bwifashishwa mu bikorwa by'iterambere n'ayo guteza imbere imijyi n'imiturire.***

Ayo masezerano yashyizweho umukono nyuma y'ibiganiro byo mu muhezo Perezida wa Repubulika Paul Kagame yagiranye na Perezida wa Misiri, Abdel Fattah Al-Sisi wamwakiriye mu ruzinduko rw'akazi yatangiye uyu munsi.

Abakuru b'Ibihugu byombi kandi bitabiriye ibiganiro byahuzaga amatsinda ahagarariye u Rwanda na Misiri mbere yo gushyira umukono kuri ayo masezerano afite uruhare rukomeye mu kurushaho kwimakaza umubano utanga umusaruro ufatika ku baturage b'impande zombi.

Perezida Kagame yavuze ko u Rwanda na Misiri bifite amahirwe menshi yo kurushaho kwagura imikoranire itanga inyungu.

Ati: "U Rwanda na Misiri bifite amahirwe menshi yo kurushaho gukomeza umubano. Afurika ikungahaye ku mutungo kamere, ariko kugira ngo tuwungukireho by'ukuri, dukwiye kuwuhindura ibicuruzwa byongerewe agaciro."

Yongeyeho ati: "Icyo dushaka ni uruhererekane rurambye rw'iterambere, ruteguye neza kandi ruzanira ubukire abaturage bacu."

U Rwanda na Repububika y'Abarabu ya Misiri bikomeje kwishimira umusaruro w'umubano bifitanye umaze imyaka isaga 55.

Amasezerano mashya yasinywe aje yongerera imbaraga ubufatanye ibihugu byombi bisanganywe mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, ubuzima, igisirikare, ibikorwa remezo n'uburezi.

Ku wa Mbere, abayobozi b'inzego z'ubucuruzi bo mu Rwanda no mu Misiri bahuriye mu nama ya mbere y'Ubucuruzi ihuza u Rwanda na Misiri.

Iyo nama yahurije hamwe abashoramari n'abacuruzi baturutse mu bihugu byombi bakora mu nzego zirimo ubwubatsi, ubucuruzi bw'imitungo itimukanwa, ubucuruzi bw'imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi, inganda, ubuhinzi n'izindi.

# U Rwanda rwanenze ibihugu bikandamiza ibindi byitwaje inkunga

ZIGAMA Theoneste

***Imbere y'Inteko Rusange ya 80 y'Umuryango w'Abibumbye, Guverinoma y'u Rwanda yongeye kunenga ibihugu byitwaza inkunga bitanga bigashaka kuvogera ubusugire bw'ibindi bihugu.***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Olivier, yashimangiye ko ubufatanye bw'ibihugu mu iterambere bukwiye kudahuzwa n'impamvu za politiki zituma ibihugu bimwe bikandamiza ibindi.

Ni ubutumwa yatanze ku wa Kane tariki ya 25 Nzeri 2025 aho yavuze ko gutanga inkunga bidakwiye guhinduka igikoresho cya Politiki y'ikandamiza.

Yagize ati: "U Rwanda rwababajwe no kubona ubufatanye mu iterambere bushyirwa mu rwego rwa politiki, bugakoreshwa n'abafatanyabikorwa bamwe mu nyungu zabo za politiki cyangwa z'udutsiko.

Ndagira ngo nibutse ko buri gihugu gifite ubusugire bwacyo kandi kitagomba guhatirwa guhitamo hagati y'umutekano wacyo n'iterambere ryacyo. Ubufasha bw'iterambere bugomba kuba igikoresho cy'ubufatanye n'iterambere, aho kuba intwaro yo gushyira igitutu ku bandi."

U Rwanda rugaragaje ibi nyuma y'igihe havugwa amakuru y'ibihugu byiganjemo iby'u Burayi byarufatiye ibihano by'ubukungu birushinja gushyigikira umutwe wa M23 urwanira uburenganzira Abanyekongo b'Abatutsi bakorerwa ihohoterwa.

Ni ihohoterwa bakorerwa ku bufatanye bwa Leta n'Umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ibikorwa bya FDLR n'umugambi wayo wo guhungabanya umutekano w'u Rwanda byagiye birugiraho ingaruka mu bihe bitandukanye.

U Rwanda rwakunze gusobanura ko nta ruhare rugira mu ntambara yo muri RDC, uretse ko rwafashe ingamba z'ubwirinzi mu gukumira uwo mugambi wa FDLR yagiye iterwa inkunga na Guverinoma ya Congo.

U Rwanda rusaba umuryango mpuzamahanga kudakomeza kurebera ubwicanyi, imvugo z'urwango n'urugomo bishingiye ku ivanguramoko, bitanga impungenge za Jenoside nk'iyakorewe Abatutsi mu myaka 31 ishize.

Imyitwarire igayitse y'u Bubiligi

Muri Werurwe 2025, Leta y'u Rwanda yemenyesheje Leta y'u Bubiligi icyemezo yafashe cyo guhagarika umubano wa dipolomasi hagati y'ibihugu byombi, gitangira gukurikizwa ako kanya.

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane mu Rwanda (MINAFFET) yashimangiye ko iki cyemezo cyafashwe nyuma yo gusuzuma byimbitse impamvu zitandukanye, zose zishingiye ku myitwarire igayitse yagaragaje ko u Bubiligi bukomeza kwitwara nka mpatsibihugu.

Yagize iti: "U Bubiligi bwakomeje kugirira nabi u Rwanda, kuva kera, ndetse no mu gihe cy'intambara ibera muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), aho bufite uruhare ruremereye rukomoka ku mateka mabi y'icyo gihugu, by'umwihariko binyujijwe mu bikorwa bigamije guhungabanya u Rwanda.

Kugeza ubu, u Bubiligi bwafashe uruhande rugaragara muri iki kibazo cy'akarere, bukaba bukomeje gukora ibishoboka byose mu guha isura mbi u Rwanda mu nzego zitandukanye, bukoresheje ibinyoma n'uburiganya mu mugambi wo kwangiza isura y'u Rwanda, hagamijwe kuruhungabanya no guteza umutekano muke mu karere."

MINAFFET ishimangira ko uretse uruhare rw'amateka u Bubiligi bwagize mu kubiba amacakubiri ashingiye ku moko, bikarinda bigera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, u Bubiligi kandi bwakomeje no guha rugari abantu bakwirakwiza ihakana n'ipfobya rya jenoside, ndetse n'inyigisho zishingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside.

Yavuze ko kandi icyemezo cyafashwe kigaragaza ubushake bw'u Rwanda mu kurengera inyungu zarwo, icyubahiro cy'Abanyarwanda, no gukomeza kurengera amahame y'ubusugire bw'igihugu, amahoro n'icyubahiro cy'ibihugu byigenga.

Abadipolomate bose b'u Bubiligi bari mu Rwanda basabwe gusohoka mu gihugu bitarenze amasaha 48 hashingiwe ku Masezerano y'i Viyene.



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe yavuze ko ubufatanye bw'ibihugu butagomba kubamo ikandamiza





# Ntimukabe indorerezi-Perezida Kagame ahanura urubyiruko rwa Afurika




Perezida Paul Kagame, yibukije urubyiruko rwa Afurika ko ari rwo uyu mugabane uhanze amaso, arusaba kwirinda kurebera

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yongeye kwibutsa urubyiruko rwa Afurika ko ari rwo uyu mugabane uhanze amaso, bityo rukwiye kurangwa n'ibintu bitatu by'ingenzi ari byo ubumenyi ku mugabane wabo, gufata inshingano no gukora ibikwiye birinda guhinduka indorerezi gusa.***

Perezida Kagame yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 25 Nzeri, mu birori byo kwakira abanyeshuri 51 baturutse mu bihugu bitandukanye bya Afurika batangiranye na gahunda y'Icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza mu Buyobozi mu Ishuri Rikuru ry'Imiyoborere (ASG/African School of Governance).

ASG ni ishuri rikuru ryatangijwe ku gitekerezo cya Perezida Kagame na Hailemariam Desalegn wabaye Minisitiri w'Intebe wa Ethiopia, mu mwaka wa 2022, nk'urwego rugamije gutegurira urubyiruko rw'Afurika kubona ubumenyi mu bya Politiki zigezweho ku Isi na gahunda zibafasha kuzuza ibisabwa nk'abayobozi baboneye muri Afurika.

Intego nyamukuru y'iryo shuri rikuru ni ukubaka imyumvire y'ikiragano gishya kiyobowe n'icyerekezo cy'imyumvire iyunguruye, ubuhanga n'ubumenyi bigezweho bikenewe ngo Afurika ibyaze umusaruro amahirwe ifite muri iki kinyejana cya 21.

Ibirori byo kwakira abanyeshuri ba mbere byateraniye i Kigali ku nsanganyamatsiko igira iti: "Imyumvire n'Imyitwarire y'Ubuyobozi", yuzuriza intego rusange y'iryo shuri igira iti: "Guteza imbere Imiyoborere, Guharanira Impinduka."

Perezida Kagame yahamije ko ASG yatangiye ari igitekerezo kuri ubu iriho ku bw'abo banyeshuri yatangiranye na bo n'abazabakurikira, aboneraho gushimira Hailemariam Desalegn n'abafatanyabikorwa barimo Mastercard Foundation bafashije gutangiza uru rugendo rwo guharanira impinduka mu buyobozi bwa Afurika.




Abayobozi basabye urubyiruko kwita ku bintu bitatu ari byo kugira ubumenyi ku mugabane wabo, gufata inshingano no gukora ibikwiye ntibarebere

Yavuze ko iri shuri riziye igihe kuko Afurika ikeneye amasomo acukumbuye no kwibanda ku ngingo zifasha urubyiruko rwa Afurika gukanguka no gushibukamo ikibatsi cy'impinduramatwara zikenewe.

Ati: "Bitandukanye n'ahandi nta wundi uzubahisha umugabane wa Afurika mu gihe babyigurutsa.

Ati: "Mwiheshe agaciro, mugaheshe igihugu cyanyu n'abaturage banyu. Ntimushobora kwitega ko Isi izubaha Afurika mu gihe mutubaha ku Isi, uburezi muzahabwa buzababahatira gutekereza cyane kandi mushyira mu gaciro ku buryo bwo kurushaho kuyobora umugabane wacu mu nzira ijya mbere. Iri shuri rizabategurira ubuyobozi, ariko urugendo rutangirira imbere."

Yavuze ko urubyiruko rukwiye kurangwa n'ibintu bitatu by'ingenzi, aho icya mbere ari ubumenyi ku mugabane wabo, uko wasigaye inyuma, kwibaza niba bikwiye cyangwa ari byo bikwiye kuguma biwuranga mu ruhando mpuzamahanga.

Ati: "Zimwe mu ngorane [za Afurika] zirahererekanywa mu bisekuru, ariko inyinshi usanga ari twe tuzikururira cyangwa se zikemererwa kugumaho binyuze mu kudakora no kuba ba ntibindeba. Utundi duce twigeze kuba ku rwego turiho uyu munsi, twateye imbere ariko Afurika iracyahanganye n'ibibazo byakabaye byarakemuwe mu myaka mirongo ishize. Ibyo bikwiye kubabuza amahoro bigakongeza umuriro muri mwe wo kubyikuramo."

Icya yabasabye ko gikwiye kubaranga ni ugufata inshingano birinda kurebera, kuko uruhare rwanyu kuri yo. Ntimukabere abandi umutwaro kurusha uko mwe muwibera."

Icya gatatu, yabasabye gukora bagashyira mu bikorwa inshingano bemeye gufata ku mugabane wabo, kandi bagahora biteguye kubyara umusaruro.

Ati: "Ntimukabe indorerezi ahubwo muhore mwiteguye kujya hanze mukayobora kubera ko muri abo Afurika ikeneye uyu munsi. Ku Isi yose ubukungu burahinduka, ikoranabuhanga riratera imbere, kandi Afurika ntiyakwihanganira gukomeza gusigara inyuma iteka ryose."

Yasabye abanyeshuri batangiye amasomo ya 'Masters' kubyaza umusaruro igihe bazamara muri iryo shuri, ndetse bakazirikana ko ibihugu byabo bibahanze amaso kugira ngo igihe bizaba bikeneye igisubizo cyose ku bibazo bivuka bazabe biteguye kugitanga.

Yakomeje avuga ko Afurika ibafitiye icyizere cyo kuyibera ibisubizo by'imiyoborere ari na ryo pfundo ryo guhindura icyerekezo cyayo mu nzego zose kuko ifite amahirwe menshi ategereje kubyazwa umusaruro n'abayobozi bafite imyumvire ishyira imbere iterambere rirambye kandi yishakamo ibisubizo bisubiza Afurika agaciro kayo mu ruhando mpuzamahanga.

# Ubukungu bw'u Rwanda burarushaho gutanga icyizere ku bashoramari



U Rwanda ruhagaze neza mu mishinga y'ibikorwa remezo n'indi mishinga y'iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo Mpuzamahanga gisesengura Amanota y'Inguzanyo z'Ibihugu, Fitch Ratings, cyahinduye amanota y'u Rwanda, kigaragaza ko habayeho impinduka nziza mu kugabanya ibyago byo kutishyura inguzanyo byagabanyutse cyane bikava kuri "negative" (mu kaga) bikagera kuri "stable" (bihagaze neza).***

Icyo kigo gihamya ko ayo amanota ari ay'igihe kirekire ku nguzanyo mu madovize ku gipimo cya "B+."

Izi mpinduka zishingiye ku buryo u Rwanda rwagaragaje imbaraga n'ubuyobozi bukomeye, gukomeza kubona inguzanyo ku giciro gito, hamwe no kuzahuka k'ubukungu cyane cyane mu bukerarugendo no mu nganda.

Nk'uko Fitch ibivuga, kuba u Rwanda rufite amanota ahamye (stable outlook) biterwa n'uburyo igihugu kiyobora neza ubukungu, gucunga neza inkunga itangwa n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga, ndetse n'iterambere ryitezwe riturutse ku mishinga y'ibikorwa remezo n'indi mishinga y'iterambere.

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yavuze ko bigaragaza icyizere ku bushobozi bw'u Rwanda mu gucunga imyenda no gukomeza kuzamura ubukungu nubwo hari ibibazo by'ubukungu ku rwego rw'Isi.

Yagize ati: "Aya manota agaragaza icyizere abashoramari n'abafatanyabikorwa mpuzamahanga bafitiye politiki z'u Rwanda n'ubushobozi bw'ubukungu bwarwo. Bizatuma Igihugu kibasha kubona imari ku nguzanyo ku giciro gito kugira ngo gishore mu mishinga y'ibanze y'iterambere."

Yashimangiye ko ingamba zirimo gushyira imbaraga mu kongera ubwoko bw'ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, guteza imbere inganda, no gukurura ishoramari ry'abikorera ari ingenzi kugira ngo ubukungu bukomeze kuzamuka.

Abasesenguzi bavuga ko kuba u Rwanda rufite amanota ahamye bituma ruba igihugu cyizewe ku isoko mpuzamahanga ry'imari, bigaragaza ko ibyago byagabanyutse kandi bikongera icyizere cy'abashoramari.

Fitch kandi yavuze ko hari ibibazo bikiriho, birimo kuba umubare w'imyenda uri hejuru ugereranyije n'umusaruro mbumbe (GDP) w'u Rwanda, ndetse n'uburyo igihugu cyahungabanywa n'ibibazo by'amahanga.

Icyakora, amateka y'u Rwanda yerekanye ko rufite gahunda ihamye mu gushyira mu bikorwa impinduka, hamwe n'inkunga y'imiryango mpuzamahanga, bigabanya ibyo byago.

Murangwa yemeje ko u Rwanda rukomeje kuba indahemuka mu gucunga neza imyenda, gukoresha neza ingengo y'imari, no gukomeza inzira y'iterambere rirambye.

Ati: "Ibi ni intambwe ikomeye mu rugendo rw'u Rwanda rwo kubaka ubukungu burambye kandi bwimakaje ukwishyira ukizana kwa bose."

# Amajyepfo: Uruzinduko rwa Minisitiri w'Intebe rw'ibanze ku bikorwa by'iterambere

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin, mu ruzinduko rw'iminsi 2 yagiriye mu Ntara y'Amajyepfo byibanze ku gusura ibikorwa by'iterambere, kuva ku ya 22-23 Nzeri 2025.***

Ku wa Kabiri tariki ya 23 Nzeri yasuye uruganda rutunganya amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri, Hakan Peat to Power Plant, rufite ubushobozi bwa Megawatt 80, ruherereye mu gace k'Uruzi rw'Akanyaru, mu Karere ka Gisagara.

Yagize ati: "Uru ruganda rugira uruhare rukomeye mu gushyigikira gahunda y'Igihugu yo kugeza amashanyarazi ku baturage bose, binyuze mu kongera ingufu z'amashanyarazi hagamijwe guteza imbere ubukungu n'iterambere rirambye."

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yasuye ituragiro ry'ikigo cyororerwamo amafi cya Kivu Choice mu gishanga cya Rwabisemanyi, hagati y'Umurenge wa Kigembe muri Gisagara na Ngera muri Nyaruguru, ritanga abana b'amafi miliyoni 7 z'amafi. Iki kigo gifasha kongera umusaruro w'amafi ku isoko ryo mu Rwanda ndetse umusaruro usagutse ukoherezwa mu mahanga.

Iyo kampani Kivu Choice kandi inororera muri kareremba zisaga 200, mu kiyaga cya Kivu, ku mwaro wo mu gice cy'Akarere ka Nyamasheke kandi bitanga umusaruro kuko ifi ziba ziri hamwe zitazerera ngo zirenge imbago z'utuzu ziba zarubakiwe, zikagaburirwa, ibyo bigatuma zitanga umusaruro, bikaba biri mu cyerekezo cya gahunda ya Leta y'u Rwanda yo kuzamura umusaruro w'amafi,

Umwaka ushizwe wa 2024 hasaruwe toni 3 500, ubu biteganyijwe ko uyu mwaka hazasarurwa toni 8 000.

Igihugu gishyira imbaraga mu bworozi bw'amafi, aho gifite intego yo kuba mu 2035 umusaruro w'ubworozi bw'amafi uzagera kuri toni 80 000.

Naho ku munsi wa mbere w'uruzinduko rwe, tariki ya 22 Nzeri 2025, Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yasuye Umujyi wa Huye, ahereye ku cyanya cy'inganda giherereye mu gace ka Sovu, akomereza mu gace k'ubucuruzi kazwi nko mu Cyarabu, ndetse asura uruganda rwa Labophar rukora imiti.



Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyumva Justin yasuye uruganda rutunganya amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva yasuye uruganda rwa Mata Tea Company ruherereye mu Murenge wa Mata, mu Karere ka Nyaruguru, mu rwego rwo gusuzuma aho iterambere ry'ubuhinzi bw'icyayi no kucyongerera agaciro bigeze, muri gahunda yo kongera ingano y'umusaruro woherezwa mu mahanga.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva kandi urwo ruzinduko rw'iminsi ibiri yaruhereye ku gikorwa cyo gutangiza ku mugaragaro igihembwe cy'ihinga cya 2026A mu gishanga cy'Urwonjya, mu Murenge wa Nyagisozi, mu Karere ka Nyaruguru, ashishikariza abahinzi gukora cyane umusaruro ukikuba kabiri.

Yahgize ati: "Umusaruro w'ubuhinzi ubu ni toni 5 kuri hegitari, turamutse dukoze neza dushobora kugera kuri toni 10 kuri hegitari. "

Yabibukije ko bagomba gukoresha inyongeramusaruro n'imbuto nziza z'indobanure kandi ubutaka bwose bugahingwa, hagamijwe kwihaza mu biribwa ndetse hagasagurirwa amasoko, ari imbere mu gihugu no mu mahanga.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Imibereho myiza yakurinda indwara z'umutima*

*Muri iki kinyejana biteye agahinda kuba hakiri abaturage bicwa n'indwara batigeze bamenya ko barwaye atari uko babuze ubushobozi bwo kwisuzumisha ngo bamenye uko bahagaze, ahubwo imyumvire yarabakumiriye kujya gushaka abaganga.*

*Kubera imyumvire izitira abantu benshi bijyanye n'umuco, usanga bigora bamwe kujya kwa mugana n'igihe bumva ari bazima bashaka kumenya uko bahagaze gusa, nyamara ni bwo buryo buzima bwo kumenya uko wakwitwara uzi uko umubiri wawe uhagaze.*

*Indwara z'umutima ni zimwe mu ndwara zitandura abantu bagendana na zo batazizi, zikazagera aho zibarundura batazi ikibahitanye, ugasanga mu muryango bizera ko ahitanywe n'amarozi, imyuka mibi yo mu muryango n'ibindi.*

*Uretse kuba izo ndwara zishobora gukumirwa, ni n'indwara zishobora kuba zitavugwa mu gihe abantu baba bahisemo kwimakaza imibereho itanga ubuzima buzira umuze.*

*Iyo mibereho ikubiyemo gufata indyo yuzuye kandi mu buryo buboneye, gukora imyitozo ngororamubiri ihoraho ndetse no gukoresha umubiri muri rusange, kugumana ibilo bijyanye n'uburebure bw'umuntu, kwirinda kunywa itabi, kumenya gucunga umujagararo (stress), gucunga neza ibibazo by'ubuzima birimo umuvuduko ukabije w'amaraso, kugabanya ibinure no kwitararika ku barwaye diyabeti.*

*Impuguke mu by'ubuzima kuri ubu bizoneka mu mavuriro ndetse no kuri murandasi, ku buryo bitakigoye kumenya imyitwarire yakabaye iboneye ku muntu ngo yirinde kuzisama yasandaye, akavuga ati: "Iyo menya nkakora ibi" kandi bitagishobotse kubisubiza inyuma.*

*Impubuke zivuga ko iminota 30 ugenda n'amaguru ihagije mu gihe cy'iminsi itanu y'icyumweru, kimwe n'uko kugumana ibilo bijyanye n'uburebure bw'umuntu bimurinda ibyago byo kurwara indwara z'umutima.*

*Mu gihe n'inganda zikora itabi zandikaho ko ryica, hari abantu bigora kurireka nyamara riri mu bivugwaho kugira ingaruka zikomeye ku mutima w'umuntu, kimwe no kwiyahuza inzoga kuko ziri mu bishobora kongera umuvuduko w'amaraso.*

*Waba witwara neza cyangwa utitwara neza, icy'ingenzi ni ukuyoboka kwa muganga bakagupima umuvuko w'amaraso, imiterere y'umutima, isukari mu mubiri n'ibindi byose biteza ingorane zo kwandura indwara z'umutima n'izitandura muri rusange.*

*Amabwiriza ya muganga no ku basanganywe icyo kibazo arafasha cyane, kuko birashoboka ko wakomeza kugabanya ibyago byo kuba wahitanwa n'izo ndwara imburagihe binyuze mu kuyakurikiza by'umwihariko ku basanzwe bafite ibinure byinshi mu mubiri, abafatwa n'umutima n'ibindi bibazo.*

# Mu mezi 9, u Rwanda rwakiriye abatahuka 4 000 bavuye muri RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Kuva muri Mutarama 2025 kugeza uyu munsi, Abanyarwanda basaga 4000 bamaze kwakirwa mu Rwanda baturutse mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) aho bari barafatiwe bugwate n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR.***

Iyo mibare yatangajwe na Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA) mu gihe ku wa Gatatu tariki ya 24 Nzeri u Rwanda rwakiriye abagera kuri 314 bibumbiye mu miryango 101 batahutse ku bushake nyuma yo kumenya ko mu Rwanda ari amahoro.

Iyo Minisiteri ivuga ko abakiriwe bahise boherezwa mu nkambi y'agateganyo ya Nyarushishi iherereye mu Karere ka Rusizi nyuma yo kwakirirwa ku Mupaka Munini wa La Corniche mu Karere ka Rubavu.

Biteganyijwe ko muri iyo nkambi ari ho bazashyirirwa mu irangamimerere ndetse banasubizwe mu buzima busanzwe harimo no kubategurira uko bazasubira mu miryango yabo batekanye kandi biteguye gufatanya n'abanti kubaka Igihugu cyababyaye.

Bivugwa ko Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwihariye bwo kwandika abatahuka kugira ngo hashyigikirwe igikorwa cyo kubasubiza mu buzima busanzwe, kuborohereza kubona serivisi z'ubuvuzi, kwimakaza imibanire myiza n'abo basanze no gufasha abana kwinjira muri serivisi z'uburezi nta nkomyi.

Iyo Minisiteri yemeje ko icyo Leta y'u Rwanda ishaka ari ugufasha abo baturage gutangira kubaka ubuzima bubahesha agaciro kandi bubibagiza ibyo banyuzemo mu mashyamba ya Congo, ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR).

Abatahutse bagaragaje inzira y'umusaraba banyuzemo muri Congo, aho umutekano wabo wahoraga mu kangaratete.

Maniraguha Ezira, ni umwe mu batahutse ku bushake wagaragaje ko no gutahuka byamusabye ikiguzi cy'ibyo yari atunze byose, kuko yabyambuwe n'Ingabo za RDC (FARDC) zikanamuvuna n'akaguru k'ibumoso.

Ati: "Nafunzwe nshinjwa kuba icyitso gikorana na M23. Cyari ikinyoma kuko nikoreraga akazi k'uburobyi. Icyo gihe noherejwe muri Gereza ya Makala i Kinshasa, umuyobozi w'abarobyi yahaye abasirikare amadolari y'Amerika 5.000 nabonye ngurishije ubutaka bwanjye, barandekura."

Yongeyeho ko umwe mu bavandimwe be we yaguye muri gereza bari babafungiyemo.



Abatahutse bagera mu 4 000 kuva muri Mutarama kugeza muri Nzeri 2025

Maniraguha yavuze ko kumara igihe kinini mu buhungiro byatewe n'ibihuha byakwirakwizwaga na FDLR ko nibatahuka bazafungwa cyangwa bakicwa nubwo batari mu bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Bakwirakwizaga ibyo bihuha mu byaro byinshi, maze abaturage bagahorana ubwoba."

Mukantwari Francoise w'imyaka 39 na we wari ufite umugabo wari muri AFDLR ariko akagwa mu ntambara, avuga ko babwirwaga ko abagerageza gutahuka bose bashyirwa muri gereza kandi ngo ni igihuha cyakwirakwizwaga n'abayobozi bakomeye muri FDLR.

Ati: "Ntibashaka ko hagira n'umwe utahuka. Iyo bagufashe ugerageza gutoroka barakwica. Ubu ndishimye cyane kuba navuye mu mikaka y'intare zashakaga kunconcomera. Ndishimye kandi kuba ngiye guhabwa indangamuntu kuko muri Congo nabagaho nta byangombwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Prosper Mulindwa, yijeje abatahutse ko bacungiwe umutekano kandi bazahabwa ibyo kurya mu gihe cy'amezi atatu, ubwishingizi n'ibindi byangombwa nkenerwa mu rugendo rwo kubafasha gusubira mu buzima busanzwe ntacyo bishisha.

Yakomeje abasaba kugira uruhare mu mishinga y'iterambere bazasanga igamije kurwanya ubukene, ashimangira ko umusanzu wabo ukenewe cyane mu kubaka Igihugu.

Abatahuka bacika ububata bwa FDLR bakomeje kwiyongera nyuma y'uko muri Nyakanga, u Rwanda, RDC na UNHCR byasinyanye amasezerano agamije ubufatanye mu kubaha uburenganzira bw'impunzi bwo gutahuka ku bushake mu bihugu bakomokamo.

Ni mu gihe u Rwanda na rwo rumaze imyaka isaga 20 rucumbikiye impunzi z'Abanyekongo birukanywe mu gihugu cyabo kubera intambara z'amoko zimakajwe kubera ingengabitekerezo ya Jenoside yagejejwe muri RDC n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ikaba ikomeje gukwira nka virusi mu Karere.

# Kaminuza y'u Rwanda n'iya Korea y'Epfo byemeje guteza imbere ubushakashatsi



Ubushakashatsi buzarushaho gutezwa imbere hagati y'u Rwanda na Korea

**ZIGAMA Theoneste**

***Kaminuza y'u Rwanda (UR) na Kaminuza ya Yonsei yo muri Koreya y'Epfo, basinyanye amasezerano y'ubufatanye (MoU) mu by'uburezi, by'umwihariko mu guteza imbere ubushakashatsi no guha icyerekezo abashakashatsi.***

Aya masezerano yasinywe ku wa 24 Nzeri mu nama yo kwizihiza isabukuru y'imyaka 140 ya Kaminuza ya Yonsei, ahagarariwe na Prof. Kayihura Muganga Didas, Umuyobozi Mukuru wa Kaminuza y'u Rwanda, na Dr. Yoon Dong-sup, Umuyobozi wa Kaminuza ya Yonsei.

Muri ayo masezerano, inzego zizibandwaho mu ntangiriro zirimo ubuvuzi n'ibijyanye na bwo, ikoranabuhanga ry'ubwenge buhangano (AI) n'urusobe rw'ibikoresho by'ikoranabuhanga (IoT).

Ubufatanye bushya bwitezweho gufungura amarembo y'imishinga y'ubushakashatsi ihuriweho, kungurana ubumenyi hagati y'abarimu, ndetse no guhanga udushya, bigamije gushimangira ubukungu bushingiye ku bumenyi mu Rwanda.

Prof. Kayihura yavuze ko aya masezerano ari intambwe ikomeye kuri UR kuko ahuye n'umuhate wa Leta y'u Rwanda mu gushora imari mu baturage binyuze mu burezi, guteza imbere ubumenyi n'ubushobozi, ndetse no kubaka ibikorwa remezo.

Yagize ati: "Aya masezerano afite agaciro gakomeye kuri Kaminuza y'u Rwanda kuko duhora dushaka ubufatanye n'abahiga abandi kugira ngo natwe dukomeze kwishyira mu rwego rwiza."

Yakomeje agira ati: "Kaminuza ya Yonsei iri mu za mbere eshatu muri Koreya y'Epfo kandi yemewe ku rwego rw'isi. Aya masezerano atanga amahirwe ku banyeshuri n'abarimu bacu yo guhura no gukorana n'abanyeshuri n'abashakashatsi bari ku rwego nk'urwo."

Umuyobozi Mukuru wa UR yavuze ko aya masezerano yubakiye ku mubano usanzwe hagati ya Yonsei na Minisiteri y'Uburezi y'u Rwanda.

Muri Mata 2024, hasinywe amasezerano rusange y'ubufatanye, ndetse muri Kamena 2024 Perezida Paul Kagame ahabwa impamyabushobozi y'ikirenga mu miyoborere rusange kubera uruhare rwe mu guhindura u Rwanda.

Nk'uko Prof. Kayihura abisobanura, ubu bufatanye si ubushakashatsi gusa, ahubwo ni n'indangagaciro.

Yagize ati: "Ubufatanye dufitanye na Kaminuza ya Yonsei bujyanye neza n'icyerekezo cya UR cyo kwiyubaka nk'ikigo cy'ubushakashatsi no guhanga udushya.

Yonsei, nk'iyobowe n'indangagaciro z'imyemerere ya gikristo kandi ikaba iri imbere mu bushakashatsi ku ikoranabuhanga ryita ku burenganzira bwa muntu, izafasha abashakashatsi n'abanyeshuri bacu kwibanda ku bushakashatsi bwubakiye ku ndangagaciro no ku bushobozi bwita ku iterambere ry'abantu, muri ibi bihe aho AI itera imbere ariko ikaba itera ubwoba n'amakenga."



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe Olivier yagize icyo avuga ku munyamakuru utarakurikiranye UCI

# U Rwanda rwasobanuye iby'umunyamakuru w'Umubiligi wangiwe gukurikirana UCI 2025

**KAYITARE Jean Paul**

***Hashize iminsi ibiri bimwe mu binyamakuru by'i Burayi ndetse no ku mbuga nkoranyambaga, havugwa inkuru y'umunyamakuru w'Umubiligi, Stijn Vercruysse, ukorera televiziyo y'Ababiligi bavuga Igifurama (VRT) wangiwe kuza mu Rwanda gukurikirana shampiyona y'Isi y'umukino w'Amagare.***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe Olivier, yashyize umucyo ku byavuzwe kuri uyu munyamakuru Stijn, agaragaza ko uburiganya ari bwo bwatumye yangirwa kwitabira iri rushanwa rikurikiwe n'abanyamakuru amagana ba siporo ku Isi.

Bimwe mu binyamakuru ndetse na Stijn batangaje ko u Rwanda ari rwo

KOMEZA KU RUP.9





IBIKURIKIRA URUP.8

rwamwangiye kuza mu Rwanda gutara cyangwa gukurikirana shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare ibereye ku nshuro ya mbere ku mugabane wa Afurika by'umwihariko mu Rwanda.

Minisitiri Nduhungirehe yasobanuye ko u Rwanda rwateguye imigendekere ya shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare mu muhanda, Ishyirahamwe ry'Imikino yo Gusiganwa ku Magare ku Isi (UCI) na ryo rigatanga ibyangombwa ku banyamakuru ba siporo bakurikirana iri siganwa.

Ku munyamakuru Stijn Vercruysse si ko bimeze nk'uko byasobanuwe na Minisitiri Nduhungirehe akoresheje urubuga rwa X, ahubwo ngo azwi nk'umunyamakuru utangaza inkuru za Politiki.

Yakomeje avuga ko VRT na Stijn ari bo bagombye gusobanura uko bagerageje gucura umugambi w'uburiganya.

Ati: "Abanyamakuru b'imikino baturutse hirya no hino ku Isi biyandikishije muri UCI kugira ngo bakurikirane iyi shampiyona ikomeye, ibereye bwa mbere ku mugabane wa Afurika. Nyamara, televiziyo y'Ababiligi bavuga Igifurama, yashatse kunyuranya n'amategeko, isaba kwandikisha umunyamakuru wa politiki uzwiho guhora asebya u Rwanda."

Akomeza avuga ati: "Nyuma yo kubuzwa kwinjira mu ndege ya SN Brussels, Stijn Vercruysse ntiyigeze yihishira, abwira itangazamakuru ry'Ababiligi ati: 'Twari twarateganyije gukora inkuru ijora igihugu cyakiriye shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare, kikaba mu by'ukuri kiyobowe n'ubutegetsi bw'Igitugu.'

None se ayo magambo ye ahishe iki, kandi agahurira he n'irushanwa rikomeye ry'imikino yo gusiganwa ku magare ku rwego rw'Isi?"

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Olivier Nduhungirehe, yibukije ko i Burayi kimwe no mu bindi bihugu, umunyamakuru w'imikino ategetswe kugira ikarita mpuzamahanga y'itangazamakuru, ndetse n'ikarita y'itangazamakuru itangwa n'Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Itangazamakuru ry'Imikino (AIPS).

Mu Bubiligi, ntushobora kubona uburenganzira bwo kwitabira ibirori bikomeye by'imikino nk'umunyamakuru wemewe, utanditswe mu gihugu cyawe nk'umunyamakuru w'imikino.

Televiziyo y'Ababiligi bavuga Igifurama, VRT, yagerageje gushakira umunyamakuru wa Politiki Stijn, uburenganzira muri UCI inyuze kuri radiyo na televiziyo y'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (UER), Minisitiri Nduhungirehe agashimangira ko byari ukunyuranya n'amategeko agenga itangazamakuru ry'imikino ku rwego mpuzamahanga.

Agira ati: "Iyo ugerageje ubu buryo bw'uburiganya, urugero nk'igihe winjiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, baragufunga, ugasubizwa iwanyu kandi ukimwa uburenganzira bwo kongera kugera muri icyo gihugu nibura imyaka itanu."

Abanyamakuru 700 baturutse hirya no hino ku Isi bahawe uburenganzira na UCI, bari mu Rwanda gukurikurikirana shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare.

Ni shampiyona yatangiye kuri iki Cyumweru tariki ya 21 ikazarangira tariki 28 Nzeri 2025.

Irushanwa rirahuza abakinnyi bakomeye baturutse mu bihugu bigera ku 101 mu gihe rikinwa n'abakinnyi bagera kuri 920.

# Indwara z'umutima zishobora kwirindwa- Prof Mucumbitsi



Indwara z'umutima ni rwica ruhoze, ariko zakwirindwa

**NYIRANEZA Judith**

***Indwara z'umutima kimwe n'izitandura, ni indwara zishobora kwirindwa mu gihe umuntu yitwararitse akagira imyitwarire iboneye igamije kuzirwanya.***

Muganga w'abana akaba na muganga w'indwara z'umutima unahagarariye ihuriro rishinzwe kurwanya indwara zitandura (NCD Alliance), Prof Joseph Mucumbitsi, mu kiganiro n'abanyamakuru yagarutse ku miterere y'indwara z'umutima kimwe n'izitandura, agaragaza by'umwihariko ko hari ibyo abantu bakwitwrarika bikabarinda indwara z'umutima.

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye n'abanyamakuru, mu kwitegura kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kwita ku ndwara z'umutima, uzizihizwa ku ya 28 Nzeri, mu Karere ka Rubavu, ukaba warabanjirijwe n'icyumweru cy'ubukangurambaga (21-28 Nzeri 2025) binyuze mu bikorwa byo gusuzuma indwara z'umutima, abaturage bakangurirwa kwimakaza imyitwarire ibafasha kwirinda indwara z'umutima.

Prof Mucumbitsi yagize ati: "Icyumweru cyahariwe indwara zitandura by'umwihariko indwara z'umutima cyashyizweho hagamijwe gukangurira abantu kwisuzumisha hakiri kare bakamenya uko bahagaze, kandi bifasha kumenya imyitwarire umuntu yagira akirinda kuzirwara naho ku warwaye ntazahazwe nazo."

Yongeyeho ko hari ibyo abantu bakwirinda hakaba n'ibyo batakwirinda.

Ati: "Indwara zitandura tugomba gukora uko dushoboye kugira ngo tuzirwanye, indwara zitandura harimo n'iz'umutima hari ibyahindurwa n'ibitahindurwa. Ntiwahindura imyaka ufite, umugore ntiyaba umugabo [….] umuntu ntiyakihakana umuryango we niba harimo abagiye barwara indwara z'umutima.

Ushobora guhindura ibilo byawe, ubunini bukabije, imyitwarire y'umuntu mu mirire, gukora imyitozo ngororamubiri n'ibindi."

Prof Mucumbitsi yagarutse ku byo kwirinda bitera indwara z'umutima, asaba abantu kubizibukira, kuko biri mu byafasha kwirinda indwara z'umutima.

Yagize ati: "Ibindi bikomeye bitera indwara z'umutima harimo itabi, amavuta mabi yitwa Cholestrol ari mu cyiciro cya LDL, umuvuduko mwinshi w'amaraso, kugira umubyibuho ukabije, inzoga n'ibindi."

Ku byerekeranye n'imibare yagaragaje ko nubwo Leta y'u Rwanda ishyiramo imbaraga, ariko hari abarinywa.

Ati: "Imibare igaragaza ko 8% mu rubyiruko bari hagati y'imyaka 15-35 bavuga ko banywa itabi mu Rwanda.

Miliyoni 8 z'abapfa bazize ibyerekeye itabi ari ukurinywa kimwe no kurihumeka abandi bari kurinywa kandi ko 80% by'abarinywa baba mu bihugu bikennye, 1 mu bana 10 bari hagati y'imyaka 13-15 bavuga ko banywa itabi."

Ku rundi ruhande ariko avuga ko binoroshye kuba indwara z'umutima zakwirindwa, abantu barya indyo yuzuye, bisuzumisha, birinda itabi n'inzoga kandi bagakora imyitozo ngororamubiri.

Yagize ati: "Umuntu ashobora guhindura ibilo bye ntagire ubunini bukabije, imyitwarire y'umuntu mu mirire agakoresha cyane imbuto n'imboga, kimwe no gukora imyitozo ngororamubiri n'ibindi."

Umwe mu bafite umuvuduko w'amaraso wahawe izina rya Mugeni Marie yabwiye Imvaho Nshya ko mu ntangiriro akibimenya byamugoye kubyakira, gusa nyuma y'ubujyanama yagiye ahabwa no kwa muganga byamufashije kwiyakira.

Yagize ati: "Nararwaye, ngiye kwa muganga bambwira ko mfite umuvuduko w'amaraso, byarangoye kubyakira, gusa nyuma inama nahawe zaramfashije, ndiyakira, ndetse ibipimo bigenda biba byiza. Mbere nakundaga kurya umunyu mwinshi, nkanywa inzoga sinikozaga amazi, narabihagaritse, ubu ndya imboga nyinshi nkanywa amazi, kandi numva meze neza."

Atanga inama ko abantu bakwiye kwipimisha hakiri kareindwara z'umutima n'izindi kuko iyo umuntu afatiranye hakiri kare bifasha.

# U Rwanda na Trinidad & Tobago byatangiye ubufatanye muri serivisi z'indege



Leta y'u Rwanda n'iya Trinidad and Tobago byemeranyije ubufatanye

NTAWITONDA Jean Claude

***Leta y'u Rwanda n'iya Trinidad and Tobago byemeranyije ubufatanye mu guteza imbere serivisi z'ubwikorezi bwo mu kirere, bisinyana amasezerano afungurira amarembo ibigo by'ubwikorezi bwo mu kirere ku mpande zombi.***

Ayo masezerano yashyizweho umukono ku wa Gatandatu tariki ya 27 Nzeri, ubwo abahagarariye ibihugu byombi bahuriraga i New York ahateraniye Inama y'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye iteranye ku nshuro ya 80.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Patrick yashimye ko u Rwanda rukomeje guharanira kugera ku ntego yo kwihuza n'amahanga mu guharanira iterambere risangiwe.

Ibihugu byombi bifunguriranye amarembo yo gukoresha ikirere nta nkomyi nyuma y'imyaka itatu ishize bitangije umubano mu bya Dipolomasi, kuko watangiye ku wa 26 Gicurasi 2022.

Ni umubano watangiye hashingiwe ku mubano ibihugu byombi byari bisanganywe nk'ibibarizwa mu Muryango w'Ibihugu Bikoresha Icyongereza (Comonwealth ndetse no mu Muryango uhuza Ibihugu 77 bikiri mu iterambere n'u Bushinwa.

U Rwanda na Trinidad & Tobago bikomeje guharanira kwagura umubano mu nzego zirimo ubucuruzi n'ishoramari, by'umwihariko binyuze mu kubyaza umusaruro gahunda zirimo Isoko Rusange n'Inama ihuza Afurika n'Umuryango w'Ibihugu bya Karayibe (CARICOM).

Ibihugu byombi kandi bikomeza gusigasira umubano wabyo binyuze muri Ambasade zabyo zigaragara mu Murwa Mukuru i Port of Spain ndetse na Kigali.

Itangizwa ku mugaragaro ry'ubutwererane mu bya dipolomasi ryabaye mu gihe hagaragaraga ubwiyongere bw'ubufatanye bw'ibihugu bya Afurika na Karayibe, by'umwihariko igihe u Rwanda rwakiraga Inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma bihuriye muri Commonwealth (CHOGM) mu mwaka wa 2022.

Itangizwa ry'uwo mubano nanone kandi rishyigikira ubutwererane bw'ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere, hibandwa ku kwimakaza ubucuruzi n'ishoramari.

Intego y'u Rwanda yo kuba igicumbi cy'iterambere ry'urwego rw'imari na yo itanga amahirwe yo kurushaho kwimakaza ubutwererane binyuze mu Kigo Mpuzamahanga cy'Imari cya Kigali (KIFC).

Umubano nanone ushingiye ku bushuti n'ubutwererane bw'abaturage b'ibihugu byombi, aho ibihugu byombi byiyemeje kongerera ubumenyi urubyiruko na ba rwiyemezamirimo muri rusange kugira ngo barusheho kwagura umubano w'ibihugu n'uw'Akarere muri rusange.

Ibihugu byombi kandi bisangiye amateka aho ibihugu bya Karayibe bifite abaturage benshi bafite inkomoko muri Afurika bavuka ku bajyanyweyo nk'abacakara.

KAYITARE Jean Paul

# UCI yashimiye Perezida Kagame mu mukino w'amagare

***Impuzamashyirahamwe y'Imikino yo Gusiganwa ku Magare (UCI), yashimiye Perezida Paul Kagame imuha igihembo gihabwa abakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu mukino wo gusiganwa ku magare. UCI yanashimye uruhare rwayo mu gutuma u Rwanda rwandika amateka.***

Perezida Kagame yashimiwe mu musangiro witabiriwe n'abari muri shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare; Perezida wa UCI, David Lappartient n'Igikomangoma Albert II cya Monaco, wabereye muri Kigali Convention Center.

Mu mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki 27 Nzeri 2025, Perezida wa UCI, David Lappartient, yavuze ko Umujyi wa Kigali wanditse amateka yo kuba uwa mbere muri Afurika wakiriye Shampiyona y'isi y'Amagare.

Abitabiriye umusangiro bataramiwe n'Itorero ry'Igihugu, Urukerereza, abawitabiriye berekwa imbyino, umudiho n'indirimbo bigaragaza umuco nyarwanda.

UCI yamahije ko u Rwanda rwakoze ibintu byinshi bitandukanye kandi bidasanzwe kugira ngo shampiyona y'Isi y'umukino w'amagare igende neza.

Yagize ati: "Umujyi wa Kigali ntabwo wakoze ibyo twatekerezaga gusa, ahubwo warengejeho ukora byinshi. Umuryango w'abasiganwa ku magare wumvise urukundo rw'u Rwanda muri iki cyumweru."

Umukuru w'Igihugu Paul Kagame, ashimirwa gukora uko ashoboye kose kugira ngo Afurika yandike amateka atari yakabayeho na rimwe mu myaka 103, hatangiye gukinwa Shampiyona y'Isi y'Umukino w'Amagare.

Yavuze ati: "Perezida warakoze. Ntabwo tuzibagirwa uko igihugu cyawe cyatwakiriye. Ni iby'icyubahiro kukugira nk'umuntu ushyigikira amagare ndetse na Shampiyona y'Isi y'Umukino w'Amagare. Ibyo bivuze byinshi kuri twe."

Uri uw'umumaro, duha agaciro uruhare wagize muri iki gikorwa. Tuzava mu Rwanda dufite ibihe tutazibagirwa, kandi twizeye ko nawe hari ibyo Shampiyona y'Isi y'Amagare yagusigiye utazibagirwa."

Mu izina rya UCI, Lappartient yashyikirije Perezida Kagame umudali w'ishimwe usanzwe uhabwa abakoze ibikorwa by'indashyikirwa mu mikino yo gusiganwa ku magare.

Ati: "Ndashaka kuguha umwabaro uhuye n'uhabwa abakinnyi begukanye amarushanwa muri iki cyumweru. Akira n'uyu mudali nk'ishimwe ry'uruhare wagize muri aya marushanwa ya Shampiyona y'Isi y'Umukino w'Amagare ya 2025."

Perezida Kagame yishimiye iki gihembo, na we ashimira iri shyirahamwe ryahisemo u Rwanda, kugira ngo rube igihugu cyandika amateka muri Afurika.

Ati "Ndagushimiye kubw'impano idasanzwe mumpaye. Ntabwo nakinnye mu isiganwa ariko natsinze, mwakoze cyane. Ndashimira ababyihishe inyuma bakoze bataruhuka. Mumenye ko imbaraga zanyu zitagendeye ubusa, mwarakoze cyane.

Isiganwa ryagaragaje imbaraga mu mihanda ya Kigali. Amajwi menshi, abafana n'ibyishimo ni ibihamya by'imbaraga z'ubumwe ziri muri siporo.

Turi hano kuko UCI yatugiriye icyizere nk'u Rwanda, u Rwanda rutewe ishema no kugira uruhare muri ibi bihe by'amateka yo gusiganwa ku magare. Mu Rwanda muhafate nko mu rugo, tuzakomeza kubakirana yombi."

Perezida Kagame kandi yavuze ko imbaraga zishyirwa mu ishoramari rya siporo, ari izo gutuma urubyiruko rubona amahirwe n'imbaraga zirufasha kugera ku nzozi zarwo z'ejo hazaza.








NTAWITONDA Jean Claude

# Gushora imari muri Siporo ni uguha urubyiruko amahirwe - Perezida Kagame

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yagaragaje ko gushora imari mu bikorwa remezo bya siporo no kurushaho kuyiteza imbere ku mugabane wa Afurika ari ugufasha urubyiruko kugera ku mahirwe n'amahugurwa rukeneye ngo rurusheho kwiteza imbere.***

Perezida Kagame yabigarutseho mu birori byo gusangira ibya nimugoroba n'abitabiriye Shampiyona Mpuzamahanga y'Amagare ku Isi (UCI 2025) yabereye i Kigali guhera ku ya 21 kugeza kuri uyu wa 28 Nzeri 2025, aho yashimye by'umwihariko uburyo UCI yazaniye umunezero Abanyarwanda n'Abanyafurika muri rusange.




Perezida Paul Kagame yagaragaje ko gushora imari muri siporo ari uguha amahirwe urubyiruko

Imibare igaragazwa n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Iterambere (UNDP) ishimangira ko abaturage b'Afurika biganjemo urubyiruko rugizwe na 60% bari munsi y'imyaka 20 ndetse n'abasaga miliyoni 400 bari hagati y'imyaka 15 na 35 nk'uko byari bimeze mu mwaka wa 2023.

Biteganywa ko bitarenze mu mwaka wa 2025 abaturage b'Afurika bazaba bageze kuri miliyari 2,5 bavuye kuri miliyari 1,4 ibarurwa uyu munsi, aho urubyiruko n'ubundi ari rwo ruzaba rwiganje.

Perezida Kagame asanga uwo mubare munini w'urubyiruko ari ubutunzi bukomeye cyane kuri Afurika, ko igikenewe gusa ari ukuruhangira amahirwe rukareka kwambuka inyanja rujya kuyashaka ku yindi migabane rusize ubutunzi karemano buruha amahirwe aruta ayo basanga ahandi.

Ni muri urwo rwego, Umukuru w'Igihugu yashimangiye ko bumwe mu buryo bwo kuruhangira ayo mahirwe ari ugushora imari muri siporo n'ibikorwa remezo byayo.

Ati: "Gushora imari muri siporo ku mugabane ni no gushora imari mu byo urubyiruko rw'Afurika rukeneye, ari byo kugera ku mahirwe n'amahugurwa bikwiriye."

Ashimira umunezero isiganwa ry'amagare ku Isi ryazaniye Abanyafurika, Perezida Kagame yagize ati: "Guhera ku munsi wa mbere, UCI yazanye ibyishimo n'umwuka mwiza mu mihanda ya Kigali. Indirimbo, abafana benshi, n'akanyamuneza byose ni ibihamya by'imbaraga zihuza abantu za siporo. Dukomeje kwibonera abakinnyi b'abanyempano ku Isi bakorana umurava udasanzwe.

Ku rubyiruko rwacu rw'abanyempano, iki ni icyigisho cyo gukurikira inzozi zabo, bafite ubwitange no kwihangana nk'ibirangirire bya nyabyo. Muri rusange, aya ni amateka yanditswe ya Afurika, n'u Rwanda by'umwihariko."

Yaboneyeho kandi gushimira ubuyobozi bwa UCI bwagiriye icyizere u Rwanda n'Abanyarwanda, ashimangira ko na bwo batewe ishema no gutanga umusanzu mu migendekere myiza y'amagare.

Yanahaye ikaze abitabiriye iri rushanwa bose bavuye mu mahanga, ati: "Mwese ubu mukwiye kumva ko mu Rwanda ari imuhira kandi ko muhawe ikaze, mwugururiwe amarembo."

David Lappartient, Perezida wa UCI, yashimiye Abanyarwanda baberetse urukundo ndetse anashimangira ko Umujyi wa Kigali wabatunguye kuko wakoze ibintu birenze ibyo bari bityeze mu kwakira aya marushanwa mouzamahanga.

Yaboneyeho gushima Perezida Kagame, ati: "Duha agaciro uruhare wagize muri iki gikorwa. Tuzava mu Rwanda dufite ibihe tutazibagirwa, kandi twizeye ko nawe hari ibyo Shampiyona y'Isi y'Amagare yagusigiye utazibagirwa."

Kuri iki Cyumweru, ni umunsi wa nyuma wa Shampiyona y'Isi y'Amagare imaze iminsi umunane ibera i Kigali, umukino wa nyuma ukaba ugizwe n'isiganwa ry'abagabo bakora intera y'ibilometero 267,5.

# U Rwanda n'Amerika byaganiriye ku ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro



U Rwanda n'Amerika baganiriye ku rugendo rw'amasezerano y'amahoro yasinyiwe i New York hagati y'u Rwanda na RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) byaganiriye ku rugendo rwo gushyira mu bikorwa amasezerano y'amahoro rwasinyanye na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ku wa 27 Kamena 2025 i New York.***

Ni mu biganiro byahuje Umujyanama Mukuru wa Perezida Donald Trump kuri Afurika Massad Boulos, na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier Jean Patrick bahuriye i New York aharimo kubera Inama ya 80 y'Inteko Rusange y'Umuryango w'Abibumbye.

Massad Boulos yavuze ko mu byaganiriweho harimo n'uburyo bwitondewe bwo gukurikiranya ingamba zo guhangana n'imitwe yitwaje intwaro iteza umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Yavuze kandi ko baganiriye ku buryo hakenewe ubutabazi bwihutirwa ku miryango yagizweho ingaruka n'amakimbirane ndetse banasuzumira hamwe uburyo Gahunda nshya y'Ubufatanye mu Bukungu bw'Akarere (RIEF) izayobora urugendo rw'amahoro ihanga amahirwe y'ubukungu mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Iyo gahunda ikubiyemo ubufatanye bw'Akarere n'Amerika mu rwego rw'ingufu, ibikorwa remezo, uruhererekane rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ubuzima rusange, ubukerarugendo, n'ubucuruzi bwambukiranya imipaka.

Amasezerano y'amahoro ya Washington ateganya ko u Rwanda na RDC bigomba gushyigikira inzira zo kugarura amahoro n'umutekano mu Burasirazuba bwa RDC, kwemeranya imikoranire mu bukungu, gucyura impunzi n'ibindi.

Yibanda ku guhashya umutwe w'iterabwoba wa FDLR (Forces Démocratiques de Libération du Rwanda), washinzwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse no gukuraho ingamba z'ubwirinzi u Rwanda rwafashe mu gukumira ingorane rutezwa n'ibikorwa bya FDLR.

Mu myaka 31 ishize, FDLR iracyateje impungenge z'umutekano ku Rwanda, cyane ko kuva yashingwa idahwema kugaba ibitero by'ubushotoranyi byambukiranya imipaka.

Guverinoma y'u Rwanda ihamya ko guhera mu mwaka wa 2018, uwo mutwe w'iterabwoba wagabye ibitero bisaga 20 ku butaka bw'u Rwanda, birimo n'ibisasu byatewe i Rubavu mu mpera za Mutarama 2025 bigahitana abantu 16 abandi basaga 160 bagakomereka.

Ni muri urwo rwego u Rwanda ruvuga ko kugeza ubu impungenge z'umutekano muke ushobora guturuka muri RDC zitazashira mu gihe umutwe wa FDLR ucyidegembya kandi ufite imbaraga ukomora mu gukorana n'ingabo z'icyo gihugu mu mugambi wo kugaba ibitero ku Rwanda.

Guverinoma y'u Rwanda n'iya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bikomeje kugaragaza ubushake ntagereranywa mu gushakira hamwe igisubizo kirambye cy'impamvu shingiro z'umwuka mubi n'umutekano muke wabaye akarande mu Burasirazuba bwa RDC ukagira ingaruka zikomeye no bihugu by'abaturanyi.

Perezida wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo, muri iki cyumweru yatangaje ko amasezerano y'amahoro n'ubufatanye mu by'ubukungu bishobora gutangira gushyirwa mu bikorwa mu byumweru bike biri imbere.

# Rubavu: Umuvuduko ukabije w'amaraso wamupfuye umusatsi abyitiranya n'amarozi




Nyirahabimana Liberata yari agiye guhitanwa n'umuvuduko ukabije w'amaraso abyitiranya n'uburozi

KAMALIZA Agnes

***Nyirahabimana Liberata w'imyaka 40, utuye mu Mudugudu w'Isangano, Akagari ka Byahi, Umurenge wa Rubavu, Akarere ka Rubavu, yari agiye guhitanwa n'uburwayi bw'umuvuduko ukabije w'amaraso abyitiranya n'amarozi.***

Ashishikariza abantu kujya bisuzumisha bakamenya uko bahagaze babibwiwe na muganga aho guheranwa n'imyumvire idahwitse ishobora kubambura ubuzima.

Uyu mubyeyi avuga ko kuva mu mwaka wa 2022 umubiri we watangiye gucika intege, mu mutwe hakokera ndetse apfuka umusatsi mu gihorihori, ari na byo byatumye atangira gukeka ko yarozwe.

Mu mwaka wa 2019 akimara kubyara umwana wa gatandatu ni bwo yasuzumwe bwa mbere bamusangamo umuvuduko ukabije w'amaraso ndetse abaganga bamugira inama yo gukora imyitozo ngororamubiri, kwirinda ibiribwa byuzuyemo amavuta n'ibinyobwa b'amasukari n'imyunyu ikabije.

Icyakora yemeza ko izo nama atigeze azikurikiza ahubwo yikomereje kubaho nk'uko bisanzwe ndetse aranabyibagirwa ari na byo byamuviriyemo kurwara mu 2022 bigatuma akeka ko yarozwe.

Ati: "Natangiye kumva umubiri wanjye ucika intege, nkumva mu mutwe ndashya cyane bigera n'igihe umusatsi uvaho mu gihoririhori, nkajya ngira ngo ni uburozi."

Icyo gihe yasubiye kwa muganga afite ibilo 83 bamubwira ko n'indwara y'umutima yaziyemo kandi nakomeza kutiyitaho ashobora no gupfa.

Nyirahabimana avuga ko kuva icyo gihe yahise atangira gukora imyitozo ngororamubiri no kurya uko bikwiye none ubu yishimira ko ameze neza.

Ati: "Natangiye gukora imyitozo ibilo biragabanyuka, ntangira kugabanya amavuta, isukari nyinshi, umunyu, ubwo umuvuduko utangira gushira ubu mpagaze neza nta kibazo mfite."

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) igaragaza ko imibare iheruka ya 2022 ishimangira ko abantu 16.8% by'abari hagati y'imyaka 18-69 barwaye umuvuduko ukabije w'amaraso.

Igaragaza kandi ko mu bantu 59.3% bicwa n'indwara z'umutima 47.7% bapfira kwa muganga.

Ubwo hizihizwaga umunsi Mpuzamahanga wahariwe kurwanya indwara z'umutima mu Karere ka Rubavu kuri uyu wa 28 Nzeri 2025, RBC yagaragaje ko mu cyumweru cyahariwe ubukangurambaga ku ndwara z'umutima hapimwe abantu 1 119 muri ako Karere.

Imibare igaragaza ko muri bo abasanzwemo umuvuduko w'amaraso ari 481 bangana 40%, umutima ari 88 bangana na 7.5% mu gihe abafite isukari iri hejuru ari 55 bangana na 5%.

Dr. Ntaganda Evariste, Umuyobozi w'ishami ry'indwara z'umutima muri RBC, yemeza ko izo ndwara zituma abantu bajya kwa muganga cyane zikaba ari na zo zituma batindayo, asaba abantu kwisuzumisha kare no gukurikiza inama za muganga.

Avuga ko izo ndwara abantu benshi bazigendana batabizi ahubwo bakabimenya ari uko bamaze kugira ibibazo by'izindi ngingo.

Ati: "Akenshi zigaragaza ibimenyetso ari uko wamaze kugira ibibazo by'izindi ngingo; nk'umuvuduko ukabije w'amaraso ushobora kuba uwugendana, iyo utangiye kumva ubabara mu gituza wumva ko ushobora kuba ugiye kurwara nk'umutima, watangira kubabara umutwe; ubwonko bukaba bwafashwe, watangira kubabara mu nda impyiko zikaba zafashwe, watangira kubona ibintu bimeze nk'ibikezikezi amaso akaba yafashwe."

Dr. Ntaganda agira inama abaturage yo kugenzura ingano y'umunyu isukari n'amavuta barya, bakarwanya umubyibuho ukabije kuko ari yo ntandarao y'indwara zitandura ndetse bagakora imyitozo ngororamubiri.

U Rwanda rwizihije uyu munsi kuri iki Cyumweru, mu gihe ku rwego mpuzamahanga wizihizwa ku wa 29 Nzeri buri mwaka.

# Amajyaruguru: Umwana ¼ aba afite ikibazo cy'igwingira

NYIRANEZA Judith

***Ikibazo cy'igwingira kiri mu bihangayikishije mu Ntara y'Amajyaruguru, kuko umwana 1 kuri 4 aba afite ikibazo cy'igwingira, abayobozi bakaba biyemeje ko bagiye kucyitaho by'umwihariko.***



Abayobozi bo mu Ntara y'Amajyaruguru biyemeje guhashya igwingira

Byakomojweho ubwo Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique n'abayobozi batandukanye muri iyo Ntara, bahuriye mu nama mpuzabikorwa y'Intara y'Amajyaruguru ku wa Gatanu tariki ya 26 Nzeri 2025, yabereye mu Karere ka Musanze, biyemeza ko bagiye gukora uko bashoboye ikibazo cy'igwingira kigakemuka.

Yabasabye kugikemura mu buryo bushoboka badatinze, kigashakirwa umuti.

Yagize ati: "Mukoreibishoboka byose, iki kibazo gihabwe umwihariko, abo bana bitabweho kuko ari bo Rwanda rw'ejo."

Muri iyo nama hanagarutswe no ku zindi ngingo zijyanye n'imibereho myiza y'abaturage muri rusange nko gukura abaturage mu bukene kuko nabyo byagirana isano n'ikibazo cy'igwingira.

Yagize ati: "Hitabwe no ku bibazo bibangamira imibereho myiza y'abaturage n'iterambere ryabo, kuko nabyo byagira aho bihurira n'icyo kibazo cy'igwingira."

Byaganiriweho nyuma yuko Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahune Maurice yagaragaje uko Intara ihagaze mu nzego zitandukanye n'ingamba zafashwe mu gukemura ibibazo bikibangamiye imibereho myiza y'umuturage, birimo imirire mibi n'igwingira, umwanda, abana bata ishuri n'ibindi.

Umwe mu Banyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge bari muri iyo nama, yavuze ko bagiye gukora uko bashoboye bakamenya abo bana bakigaragarwaho n'igwingira, ntibahere ku mibare, ahubwo bakamenya neza abo ari bo, kugira ngo ricike burundu.

Yagize ati: Ku kijyanye n'igwingira turava ku mibare ahubwo tumenye nhgo ni bande, tukamenya umwirondoro we wose noneho binadufashe kuba twaherekeza abafatanyabikorwa tugira, bityo ikibazo gikemurwe haherewe mu mizi."

Mu Ntara y'Amajyaruguru habarurwa imiryango isaga ibihumbi 130 igikeneye gufashwa kwivana mu bukene, kandi imiryango ingana na 3,2% by'abaturage iri mu bukene bukabije.

KOMEZA KU RUP.13





# Amajyaruguru: Umwana ¼ aba afite ikibazo cy'igwingira

IBIKURIKIRA URUP.12

Minisitiri yasabye abayobozi ko abo baturage bagomba kubuvanwamo burundu aho kwiha intego yo kubugabanya.

Yagize ati: "Abo baturage bari mu bukene, bagomba kubuvanwamo burundu nta kuvuga ngo ubu turageza kuri 2% cyangwa se 1%, ahubwo abo baturage bagomba guhabwa umwihariko, ubukene bukabije bukarandurwa burundu."

Abayobozi bo mu Nzego z'ibanze bavuga ko muri rusange bagiye kurushaho kwita ku bibazo byose bikibangamiye imibereho myiza y'abaturage kandi ko kubakura mu bukene bishoboka.

Basobanuye ko hari uburyo bwinshi bwafasha mu bibazo bihari, kuko hari ubwo umufatanyabikorwa abaza icyo yafasha, ubwo rero biyemeje ko bagiye kumenya neza umwirondoro w'abafite ibibazo bityo byoroha kubikemura.

Abateraniye mu nama barebeye hamwe aho iyi Ntara igeze ishyira mu bikorwa gahunda zitandukanye zijyanye na Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo kwihutisha iterambere NST2, bunguranye ibitekerezo hagamijwe gufata ingamba zo kurushaho kuzishyira mu bikorwa mu buryo bukwiye no kuzihutisha.

# Nyamasheke: Uwari DASSO arakoresha abakozi 100 ahemba 6.000.000 Frw



Abayobozi bo mu Ntara y'Amajyaruguru biyemeje guhashya igwingira

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Rwubaka Jean Pierre w'imyaka 55 wahoze ari Umuhuzabikorwa wungirije w' Urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) mu Karere ka Nyamasheke, yahindutse rwiyemezamirimo mu bucukuzi bw'umucanga ukoresha abasaga 10 ahemba amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni esheshatu buri kwezi.***

Uyu mugabo utuye mu Mudugudu wa Rwesero, Akagari ka Rwesero, Umurenge wa Kagano, Akarere ka Nyamasheke, yavukiye mu Murenge wa Nyabitekeri ari na ho yize amashuri abanza, ubu akaba afite umugore n'abana bane.

Mu 1994 ubwo Jenoside yakorewe Abatutsi yakorwaga, yari mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye, akaba yarasanze Ingabo zari iza RPA Inkotanyi mu rugamba rwo kubohora u Rwanda.

Ati: "Muri 2008 nasezerewe mu ngabo nsubira gukomeza ayisumbuye mbona dipolome mu 2010, njya kwigisha muri GS Bunyenga iwacu i Nyabitekeri marayo imyaka 3 mbifatanya no kwiga kaminuza i Bukavu muri RDC."

Avuga ko mu 2014 urwego rwa DASSO rushyizweho, yabaye Umuhuzabikorwa wungirije ushinzwe umutekano n'amakuru mu Karere ka Nyamasheke kugeza mu 2019.

Muri uwo mwaka ni bwo yavuye muri DASSO ajya kuba rwiyemezamirimo mu bucukuzi bw'umucanga mu mugezi wa Karundura mu Kirambo.

Akihagera yakoranye na koperative yacukuraga umucanga yitwa Umugambi Mwiza, awuyigurira akawucuruza.

Nyuma yakomeje akorana na kompanyi yaje kuhakorera ibyo bikorwa byo gucukura no gucuruza umucanga, barumvikana atangira kujya awubagurira akawucukura, akawacuruza.

Ati: "Ni muri urwo rwego nashyizeho abakozi mpemba, ari abawucukura ari n'abawikorera bawushyira mu byombo ushyirwa abawukeneye, cyane cyane mu Mujyi wa Rusizi."

Yavuze ko abakozi 100 afite ari abahoraho barimo 33 bawucukura ahemba buri cyumweru, mu kwezi akaba abahemba miliyoni ebyiri n'ibihumbi 400 by'amafaranga y'u Rwanda.

Yakomeje agira ati: "Mfite n'abandi 67 bawikorera bawujyana mu byombo, barimo abagore n'abagabo mpemba buri munsi, mu kwezi bose hamwe nkabahemba 3.600.000."

Na we yishimira ko kuri ubu amafaranga yinjiza ku kwezi yikubye kabiri agereranyije n'ayo yahembwaga.

Ati: "Nkiri DASSO nakoreraga amafaranga 350.000 Frw mu kwezi. Na yo yari meza kandi yangiriye akamaro gakomeye cyane mu gihe cyayo. Ubu nyakuba akarenze 2 mu kwezi nahembye abo bakozi bose.'"

Avuga ko ibyo ageraho byose abikesha impanuro za Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Ati: "Byose mbyubakira ku mpanuro za Perezida Kagame kuva atuyoboye ku rugamba rwo kubohora Igihugu n'ubu akiduhanura. Ndamushimira cyane ni we nkesha ubuzima ndimo uyu munsi."

Yishimira ko mu bo yahaye akazi hari abakurikije inama ze, bakagura amagare bakaba abanyonzi, bagakorera impushya zo gutwara ibinyabiziga ubu bakaba ari abamotari, abandi bakora ibindi bibinjiriza ayisumbye ayo yabahembaga.

Avuga ko afite intego yo gukuba kabiri umubare w'abakozi akoresha bakaba 200, akanongerera ubushobozi abo akoresha.

Abo Rwubaka akoresha bishimira kuba yarabahaye akazi akaba anabahembera ku gihe.

Banguwunguka Anne-Marie wo mu Kagari ka Raro, Umurenge wa Kanjongo yikorera umucanga awuvana aho bawucukura awumena mu byombo akabeshaho umuryango we.

Ati: "Tumushimira ko aduhembera igihe akanatugira inama yo kuyakoresha neza, ntadupfire ubusa. Nk'ubu nkorera 5 000 ku munsi, nkora buri munsi."

Mukeshimana Jean w'imyaka 26, wo mu Mudugudu wa Kabuyaga, Akagari ka Kibogora, Umurenge wa Kanjongo, yagize ati: "Ampemba amafaranga 6 000 ku munsi, nkora buri munsi. Ayo ampemba, nkurikije n'inama aduha, ndashaka kuyakusanya ngasubira mu ishuri, nkarangiza ayisumbuye kuko ubu nizigama mu ishyirahamwe yadushingiye no muri SACCO. Nanjye mfite intego yo kuzaba rwiyemezamirimo nkazajya ntanga akazi nk'uko akaduha."

Rwubaka asaba urubyiruko kudapfusha ubusa amahirwe y'iterambere Igihugu cyaruhaye, bagakora cyane.

# Muhanga: Aborozi bahendwa n'ibiryo by'amafi bagura Iburasirazuba



Kubera ibiryo by'amafi bihenze bituma n'abo bahenda umusaruro wabo bakagurisha 4000 Frw ikilo kimwe

UWIZEYIMANA Aimable

***Aborozi b'amafi bibumbiye muri Koperative y'Ifi ya Gikeri (KOFIGI) mu Karere ka Muhanga mu Murenge wa Mushishiro, bavuga ko bafite ikibazo cy'ibiryo bihenze kandi bituruka kure, mu Ntara y'Iburasirazuba, bakaba bakeneye ko ubuyobozi bubakoreraho ubuvugizi bikaba byaboneka hafi kandi ku giciro gito.***

Umwe mu bagize iyi Koperative, Bagwaneza Flugencie avuga ko kuri ubu bafite ikibazo cy'ibiryo by'amafi bakura kure kandi bibahenze.

Ati: "Icyo jyewe nsaba ubuyobozi ni ukudukorera ubuvugizi, ku kibazo cy'ibiryo by'amafi dukura mu Ntara y'Iburasirazuba biduhenze kuko usanga igiciro ku kilo kingana na 1800 Frw, iyo cyiyongereyeho n'amatike y'urugendo bitubera imbogamizi mu bworozi bw'amafi bwacu bikanatuma n'abagura amafi bayagura ku giciro cyo hejuru."

Mukama Isabelle, avuga ko ubuyobozi bukwiye kubafasha igiciro cy'ibiryo by'amafi cyikaba gito cyangwa bikaboneka hafi, kuko usanga bibagora kubibona.

Ati: "Jyewe icyo navuga ni uko ubworozi bw'amafi ari bwiza kandi budufitiye akamaro, gusa ibiryo by'amafi birahenda kandi biboneka kure kuko tubikura i Rwamagana, ku giciro cy'amafaranga 1800 ku kilo kimwe, noneho wakongeraho n'amafaranga y'urugendo bikarushaho kuzamuka, ku buryo ubuyobozi budukoreye ubuvugizi ibiciro bikagabanyuka cyangwa tukabibona hafi byarushaho kudufasha."

Umuyokozi w'Akarere ushinzwe ubworozi Kubwimana Patricia, avuga ko ikibazo kigaragazwa n'aborozi b'amafi, kigiye gukorerwa ubuvugizi nibura ibiryo bikaba byaboneka hafi.

Ati: "Ni byo koko ikibazo cy'ibiryo by'amafi bituruka kure kandi bihenze baragifite, icyo navuga ni uko hagiye gukorwa ubuvugizi ku buryo habaho kubyegereza abatuye Intara y'Amajyepfo nibura urwo rugendo rukagabanyuka mu gihe haba hari gushakishwa n'igisubizo ku igabanyuka ry'igiciro cyabyo."

Umukozi mu kigo cy'igihugu gishinzwe amakoperative (RCA), Kagabo Roger ushinzwe igenzura ry'amakoperative muri iki kigo, avuga ko ikibazo cy'ibiryo by'amafi atari ubwa mbere cyumvikanye, yizeza aborozi b'amafi ko kubakorera ubuvugizi mu nzego zitandukanye cyigashakirwa umuti urambye.

Ati: "Ni byo koko ikibazo cy'ibiryo by'amafi gihora kigaragara, ariko nk'uko Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amakoperative mu byo gishinzwe ari ugukorera ubuvugizi ibibazo bigaragara mu makoperative, ndabizeza ko tugiye gukora ubuvugizi mu nzego zitandukanye ku buryo ikibazo cy'ibiryo by'amafi kizabonerwa igisubizo kirambye."

Abanyamuryango ba KOFIGI, bavuga ko baramutse babonye ibiryo by'amafi ku giciro cyo hasi byakorohereza n'abaturage kubona amafi yunganira indyo yuzuye, by'umwihariko ku bana mu rwego rwo guhangana n'ikibazo cy'imirire mibi, usanga kuri ubu kubona ibyunganira indyo yuzuye ku bana bikomo ku matungo bihenze.

NGABOYABAHIZI Protais

# Gakenke: Barataka igihombo kubera umuhanda Vunga–Mugunga wangirika

***Abaturage bo mu Murenge wa Mugunga, Akarere ka Gakenke, barasaba ko umuhanda Vunga–Mugunga wakubakwa mu buryo burambye kuko umaze kubagiraho ingaruka zikomeye.***

Uwo muhanda ugenda wangirika cyane mu bihe by'imvura, amazi akawuzura bigatuma ibinyabiziga bitahanyura, bityo umusaruro w'abaturage ntugere ku masoko, n'imigenderanire ntigende neza.

Umuhanda uturaka Nyabitare mu Murenge wa Mugunga ni imwe mu nzira z'ibanze zituma abaturage bahura n'isoko rya Vunga riherereye mu Karere ka Nyabihu, kandi rikoreshwa n'abaturage benshi Bo muri Gakenke, Musanze na Muhanga. Ariko uko iminsi ishira, amazi amanuka mu misozi akawuzuramo, bikaba intandaro yo gukomwa mu nkokora kw'iterambere ry'abawuturiye.

Nsengumuremyi Jonathan, umwe mu baturage bo mu Murenge wa Mugunga, avuga ko bibagiraho ingaruka cyane

Yagize ati: "Muri kano gace kacu hera ibishyimbo, ibigori, ibitoki n'ibisheke, tubigurishiriza mu isoko rya Vunga. Ariko kubera ko imodoka zitagera hano mu bihe by'imvura, dusigara twikorera ku mutwe tukambutsa ibicuruzwa kugira ngo tugere aho imodoka ziri. Twifuza ko uyu muhanda wakorwa, n'iyo batsindagiramo itaka gusa."

Mukangeyo Patricie we agaragaza ko ikibazo cy'umuhanda kidahutaza gusa ubucuruzi, ahubwo kinabuza abaturage ubwisanzure mu buzima busanzwe.

Yagize ati: "Hari ubwo tuba dufite ubukwe, umukwe n'umugeni bagahura n'imbogamizi zo kwambuka muri ibi byondo, rimwe abashoferi bakanga no gushoramo imodoka zabo. Ubu si ikibazo cy'umusaruro wacu gusa, ahubwo ni ikibazo cy'ubutabazi, ubuyobozi bukwiye kudutabara."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Mugunga, Uwimana Eugene avuga ikibazo cy'uwo muhanda kizwi.

Yagize ati: "Amazi amanuka mu misozi akaza agahurira mu muhanda kuko uherereye mu nkengero z'igishanga. Twamaze kugeza iki kibazo ku Karere ka Gakenke, kandi harashakwa umuti urambye. Icyo dukora ubu ni uko mu muganda tugerageza kuyobya ayo mazi kugira ngo ubuzima bukomeze, ariko ibi ni ibisubizo by'agateganyo."



Umuhanda Vunga- Mugunga uhinduka nk'ikiyaga mu bihe by'imvura

Abaturage bavuga ko mu gihe umuhanda Vunga–Mugunga wakubakwa, byabafasha kugeza umusaruro wabo ku masoko mu gihe gikwiye, bakabasha kurushaho kwiteza imbere no kwinjiza amafaranga mu miryango yabo, kimwe n'imigenderanire itagoranye.





UWIZEYIMANA Aimable

# Huye: Abubakiwe isoko barifuza ko ryagurwa ntibakirikwirwamo

***Abacururizaga hasi bahuraga n'ikibazo cy'imvura yabanyagiraga bo n'ibicuruzwa byabo, bo mu Karere ka Gisagara mu Murenge wa Save, bavuga ko nyuma yo kubakirwa isoko, kuri ubu bifuza ko ryakwagurwa kugira ngo bose babashe kurijyamo kuko, abafite aho bacururiza bagera ku ijana mu gihe abakeneye kuricururizamo bakava mu muhanda barenga 300.***

Mukagatsimbanyi Claudine ucururiza muri iryo soko, avuga ko nubwo ashimira abayobozi babubakiye isoko ariko bakeneye ko ryagurwa kuko ari rito ugereranyije n'abarikoreramo.

Ati: "Mbere na mbere ndashimira ubuyobozi bwadufashije kuva mu muhanda aho twacuruzaga agataro, bukatwubakira iri soko, ariko nanone ndifuza ko iri soko ryakwagurwa kuko ryatubanye rito ku buryo hari abatabona ameza yo gucururizaho kubera ko umubare wacu ari munini ugereranyije n'iri soko twubakiwe".

Mukeshimana Athanasie nawe ni umwe muri aba bacururizaga hanze, uvuga ko ashimira ubuyobozi bwabahaye isoko, kuri ubu bakaba bafite aho babarizwa, gusa na we akagaruka ku kibazo cyo kuba ameza bafite ari make bityo hakaba hari bamwe badafite aho bacururiza.

Ati: "Ni byo ndashimira abayobozi baduhaye isoko nyuma y'uko natwe twishyize hamwe, bityo tukaba twaravuye hanze aho imvura yatunyagiraga, gusa icyifuzo mfite ni uko iri soko ryakwaguka kuko ubu ameza dufitemo ni 40 kandi turarenga 300 murumva rero ko hari abadafite aho bakorera.".

Umuyobozi w'Akarere ka Gisagara Rutaburingoga Jerome, avuga ko kongerera ubushobozi iri soko bigomba kujyana n'uburyo na bo bazitabira kurikoreramo.

Ati: "Mu by'ukuri kugira ngo twubake isoko nka ririya akenshi duhera ahantu agasoko ka ndaburaye kaba kariremye, rero na ririya ni ko twaryubatse ku buryo kuryongerera ubushobozi bizajyana n'uburyo na bo bazitabira kurikoreramo, kuko nibaramuka babayemo benshi natwe turiteguye kuryongera cyane ko hari ayo twagiye twubaka akabura abayakoreramo."



Bifuza ko ameza bacururizaho yakongerwa n'isoko rikagurwa

Kuri ubu aba bacururizaga hasi bavuga ko nyuma yo gusabwa n'ubuyobozi kwishyirahamwe ngo bafashwe kubona isoko, bamaze kugera ku mubare w'abantu 400, ku buryo ariyo mpamvu bifuza ko iryo soko ryongererwa ubushobozi kuko ubu rifite ameza acururizwaho 40, abayacururizaho bakaba ari 100, bivuzeho abagera kuri 300 bo batagira ameza yo gucururizaho rimwe na rimwe bibakurira kongera kujya gucururiza hasi ku muhanda nkuko byahoze.

# Karongi: Afungiwe kubaza imbaho mu ishyamba rya Leta

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Bangamwabo Cyprien w'imyaka 51 wo mu Mudugudu wa Rubatura, Akagari ka Tyazo, Umurenge wa Rugabano, Akarere ka Karongi, afungiye kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Rugabano akurikiranyweho gutema ibiti mu ishyamba rya Leta akabijyana iwe akabibazamo imbaho.***

Bivugwa ko abo bafatanyaga kwangiza iryo shyamba rya hegitari zisaga 60 riherereye ku musozo wa Rusegensi bacitse.

Umwe mu baturage b'i Tyazo yavuze ko uwafashwe afite bagenzi be batahuse bafatwa bafatanyaga kwangiza iryo shyamba bashakamo imbaho bagurisha n'izo gukoresha ku giti cyabo.

Ati: "Hari n'abatemamo iby'inkwi zo gucana ku buryo ubuyobozi budahagurutse ngo bufatirane vuba bwazashiduka ryarashize kuko baryangije bigaragara."



Afungiwe gutema ibiti mu ishyamba rya Leta

Yakomeje ahamya ko uwafashwe we yavugaga ko yashakaga imbaho zo gukora inzugi zo gukingisha iwe.

Ati: "Ntituzi niba abo bari kumwe bacitse barafatanyaga cyangwa ari abakozi yari yahaye akazi. Bizagaragazwa n'iperereza."

Bivugwa kandi ko ubuyobozi bwasanze ingiga 7 z'ibiti byo mu bwoko bwa pinusi mu rugo rwa Bangamwabo, yemera ko zavuye muri iryo shyamba.

Umwe mu barebaga ubuyobozi bumugwa gitumo yagize ati: "Ubuyobozi bwahageze ababibazaga bariruka. Bangamwabo kuko hari iwe, ntiyiriwe aruhanya ngo ariruka yagumye aho baramufata."

Abaturage mu Murenge wa Rugabano, amashyamba ya Leta yugarijwe muri rusange bagasaba ubuyobozi kubihagurukira bwangu batarayamaraho burundu.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'umurenge waRugabano, Ngendahimana Jean Damascène, avuga ko bakurikije amakuru bahawe n'abaturage.

Ati: Si ryo ryonyine amashyamba ya Leta muri uyu murenge yose barayigabije.

Barayangije bikomeye cyane, ni yo mpamvu twashyize imbaraga mu kubakurikirana. Ni muri urwo rwego uyu yafashwe n'abo bari kumwe bagishakishwa n'abandi bose bangiza amashyamba ya Leta bamenye ko ubu bahagurukiwe."

Avuga ko hari ikibazo gitiza umurindi abangiza aya mashyamba, ari uko yose yeze akarengerana akaba adasarurwa.

Ati: "Ni ikibazo dufite kituremereye muri uyu Murenge kuko hari n'ibiti bigera aho bikigusha kubera gusaza cyane bidasaruwe."

Avuga ko ikibabaje cyane ari uko ibi biti byagombye kuvamo amafaranga menshi yagira ibindi akora, ariko bitabyazwa umusaruro bikagera ubwo byihirika.

Ati: "N'ibyegereye kaburimbo byarakuze cyane, bitangira kwigusha ubwabyo.

Twasabaga Akarere kuvugana n'amakompanyi yahawe isoko ryo kuyasarura, aho ateye hagaterwa amashya yazatanga undi musaruro mu bihe biri imbere, cyangwa ubwo butaka bukabyazwa undi musaruro wagenwa, ariko ntakomeze kwangirika."

Avuga ko bafashe ingamba zo gukangurira abaturage kureka kuyangiza, bikazatanga umusaruro wuzuye abahawe kuyasarura babikoze hakiri kare.

# Rubavu: Umwarimu akurikiranyweho gucucura abaturage n'abarimu akoresheje uburiganya



Uyu mwarimu akurikiranyweho uburiganya

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Kuri sitasiyo ya RIB ya Busasamana mu Karere ka Rubavu hafungiye umwarimu witwa Tuyisenge Emmanuel w'imyaka 30, akurikiranyweho kurimanganya ababyeyi yasezeranyije gushakira ishuri na bagenzi be yijeje kugera ku nguzanyo.***

Uwo Tuyisenge wigisha mu ishuri ribanza rya Kinyanzovu riri mu Mudugudu wa Muhororo, Akagari ka Kinyanzovu, Umurenge wa Cyanzarwe, akurikiranyweho kurya amafaranga 100.000 y'ababyeyi 2 abizeza kubashakira amashuri y'abana muri GS Busasamana, akanarya andi 730.000 y'abarimu 5 bagenzi be abizeza kubakira inguzanyo ya 'Gira iwawe mwarimu'.

Amakuru umwe mu barezi bigisha kuri iri shuri yahaye Imvaho Nshya, avuga ko barimo bigisha, bagiye kubona bakabona ababyeyi 2 bateye mu kigo cy'ishuri n'urusaku rwinshi baje kwishyuza Tuyisenge wabariririye amafaranga.

Ati: "Ni ababyeyi b'abana bari boherejwe mu bigo bya kure, bashaka hafi ishuri ribacumbikira. Bamugannye bamwizeye, bamugisha inama ngo abayobore inzira bacamo bakaribona, ababwira ko aziranye cyane n'umuyobozi w'Urwunge rw'amashuri rwa Busasamana, ko bamuha amafaranga ikibazo akakirangiza badasiragiye cyangwa ngo bategereze NESA, bitinda abana bagatakaza amasomo, bikazabaviramo gutsindwa."

Yarakomeje ati" Yanababwiraga ko anakora muri Caritas, akomeye, kubona ishuri byoroshye cyane. Umwe mu babyeyi akavuga ko yamuhaye amafaranga 76 000, undi amuha 24 000 banabifitiye ibimenyetso. "

Umwarimu na we uri mu bavuga ko yabariye akayabo k'amafaranga abizeza kubakira inguzanyo ya 'Gira iwawe mwarimu'.

Yagize ati: "Turi abarimu 5 yariye amafaranga y'u Rwanda 730000 atwizeza kutwakira inguzanyo byihuse ya Gira iwawe mwarimu, ko hari abo azayagezaho bakabyihutisha."

Yakomeje asobanura ati: "Umwe yamuriye amafaranga 200 000 Frw, ubandi 110 000 Frw, 10 000 Frw, 60 000Frw n'undi 350 000 Frw. Ibimenyetso bihagije turabifite."

Yavuze ko, ukurikije uko yababwiraga ko byakwihuta, bakanumva ko ubwo ari mugenzi wabo atabatekera umutwe bigeze aho.

Ati: "Isomo turaribonye ntituzongera gutekerwa umutwe gutya n'uwo ari we wese ngo aragira ibyo atwizeza."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyanzarwe, Mugisha Honoré, yabwiye Imvaho Nshya ko uwo mwarimu afunze, yafashwe biturutse ku ihuruza ryakozwe n'umuyobozi w'ishuri ribanza rya Kinyanzovu, Uwambaza Léonce.

Ati: "Ni byo, yarafashwe afungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Busasamana, ibindi biri mu iperereza ntacyo nabivugaho. Gusa hari n'abarimu bagenzi be 5 bavuga ko yabariye amafaranga abizeza kubakira inguzanyo yihuse ya Gira iwawe mwarimu, banavuga ko babifitiye ibimenyetso bihagije.

Basabwe gutanga ikirego kuri RIB bavuga ko baba baretse bakareba ko ayabaha ku neza, byakwanga bakabona kugana RIB."

Yasabye abaturage kudaha umuntu amafaranga ngo abakemurire ikibazo bazi neza ko ibyo avuga ko akemura ntaho ahuriye na byo.

Abaturage basabwe kwirinda abatekamutwe nk'abo babarya utwabo babizeza kubakemurira ibibazo, kandi hari inzira zizwi bikemurwamo. Ufite ikibazo yegera ubuyobozi. Anibutsa ko abarezi basabwa kuba inyangamugayo.



Bahishe amaso ngo Drone zitababona amasura

# Musanze: Hifashishijwe drones mu gufata 24 bangizaga imyaka y'abaturage

NGABO YABAHIZI Protais

***Mu gitondo cyo ku wa 24 Nzeri 2025, Polisi ikorera mu Karere ka Musanze yafashe abagabo 24 bakurikiranyweho gucukura amabuye y'agaciro ya zahabu mu mirima y'abaturage bakangiza imyaka yabo.***

Kugira ngo abo bagabo bafatwe hifashishijwe ikoranabuhanga ry'indege nto zitagira abapilote (drones), zitahura aho bihishaga ndetse zinabatamaza ku buryo bakoragamo ubwo bucukuzi bugacya basibanganyije ibimenyetso ku buryo byagoranaga kubafata.

Abaturage bo mu Kagari ka Cyabararika, Umurenge wa Muhoza, bari bamaze igihe bagaragaza ikibazo cy'abangiriza imyaka n'imirima yabo bayicukuramo amabuye y'agaciro.

Umuturage witwa Mbarushimana Jean Baptiste yagize ati: "Abacukura amabuye y'agaciro mu buryo butemewe n'amategeko batwangiriza imyaka, kuko bacukura aho aho babonye hose bakeka amabuye y'agaciro. Ubu imirima yacu hafi ya yose yuzuye imyobo n'imiferege, ariko ubwo hajemo gahunda ya drone ak'Abahebyi kashobotse kuko zo ziza nta muntu uzi iyo ziturutse."

Undi muturage witwa Ndizeye Jean Claude na we ati: "Kuba Polisi ibafashe biradushimishije. Twari tumaze igihe duhangayikishijwe no kubona imyaka yacu yangizwa, kandi ibyo bacukura ntacyo bitumarira nk'abaturage."

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyaruguru IP Ignace Ngirabakunzi, yavuze ko gufata abo bantu ari intambwe yo kurengera abaturage n'ibidukikije, ariko mbere y'aho habanza kubaho inyigisho.

Yagize ati: "Gufata abishora mu bucukuzi butemewe ni inzira ya nyuma. Mbere y'aho baba baragiriwe inama, bagasobanurirwa ingaruka zo kwangiza imyaka n'imirima ndetse no kubangamira ibidukikije. Iyo banga kubireka, tuba tugomba kubafata kugira ngo bakurikiranwe n'amategeko."

KOMEZA KU RUP.17





IBIKURIKIRA URUP.16

## Musanze: Hifashishijwe drones mu gufata 24 bangizaga imyaka y'abaturage

Yakomeje asaba abaturage kwirinda ibikorwa nk'ibi yagize ati: "Kurwanya ubucukuzi butemewe birakomeje ahantu hatandukanye. Turongera kuburira ababyishoramo kubireka hakiri kare, kuko nibakomeza bazafatwa bahanwe n'amategeko."

Kuri ubu, abagera kuri 24 bafashwe bafungiye kuri Sitasiyo ya Polisi ya Muhoza mu gihe hakomeje iperereza kugira ngo bakurikiranwe mu butabera.

Itegeko Nº 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, amabuye y'agaciro kamere n'ingufu, mu ngingo ya 54 by'umwihariko, rivuga ko umuntu wese ukora ubucukuzi cyangwa ubundi bushakashatsi ku mabuye y'agaciro atabiherewe uburenganzira ahanishwa igihano cyo gufungwa kuva ku myaka 2 kugeza ku myaka 5, n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni 2 kugeza kuri miliyoni 10 z'amafaranga y'u Rwanda, cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo byangije ibidukikije cyangwa bikagira ingaruka ku baturage, bishobora no gufatwa nk'icyaha gikomeye giteganywa n'andi mategeko asanzwe, harimo n'Itegeko Nshinga rigenga ibidukikije.

# Gakenke: Kurema ingoma bimwinjiriza miliyoni 1,5 ku mwaka

NGABOYABAHIZI Protais

***Mugwaneza Jean w'imyaka 68 wo mu Kagari ka Huro, mu Murenge wa Muhondo, Akarere ka Gakenke, avuga ko amaze imyaka myinshi arema ingoma, umuco avuga ko awukomora ku babyeyi be, ndetse akemeza ko ari rwo ruganda rwe nyakuri, kuko yinjiza miliyoni 1,5 ku mwaka.***

Yinjiza amafaranga agera ku bihumbi 500 mu mezi 4, bityo ku mwaka akaba akorera miliyoni imwe n'igice (1,500,000 Frw). Ayo mafaranga yamufashije kwiyubakira inzu y'agaciro ka miliyoni 6 Frw no kugira imirima ifite agaciro ka miliyoni 12 Frw.

Mu buhamya bwe, Mugwaneza avuga ko ingoma ze zikunzwe cyane n'amatorero atandukanye ndetse n'abanyamadini, kuko ari bo benshi baza kuzigura.

Ingoma imwe ayigurisha amafaranga ibihumbi 180 Frw, kandi ku mwaka aba yakoze ingoma zibarirwa hagati ya 20 na 25, bitewe n'igihe n'ubushobozi.



Mugwaneza Jean ubamba ingoma azi no gucuranga iningiri

Yagize ati: "Kuva na kera kurema ingoma byari mu muco w'Umunyarwanda. Njye nashatse kutawureka, ahubwo ngerageza kuwubyaza umusaruro, kandi mbona kuri ubu isoko rihari. Abanyamadini n'amatorero bambaza ingoma kenshi, kandi bigatuma mbasha kwiteza imbere, aho ntabura nibura miliyoni imwe yanjye n'igice ku mwaka."

Uretse ubucuruzi bw'ingoma, Mugwaneza afite itsinda ry'abakaraza rigizwe n'abantu 12, bakoresha izo ngoma mu birori bitandukanye, bakishimira abashyitsi ndetse bakabyinira abaje gusura mu Ivubiro rya Huro, ahantu hafatwa nk'abumbatiye amateka y'u Rwanda n'umuco.

Abaturage bo mu gace atuyemo bavuga ko Mugwaneza ari urugero rwiza rwo gukomeza guha agaciro umuco Nyarwanda nk'uko Muhire Jean de Dieu abivuga.

Yagize ati: "Uyu musaza yaduhaye isomo ko muco atari ibintu byo gusuzugura, ahubwo ari isoko y'imibereho. Kuri we kurema ingoma byamukuye mu bukene kuko iyo ugeze iwe usanga ari umuntu wifashije, ibi byose abikesha kubamba ingoma, ikindi ni uko abana bacu na bo bagenda basobanukirwa uburyo ingoma bavuza iboneka."

Mukankubito Louise na we yagize ati: "Iyo abashyitsi baje gusura aha i Huro, birabashimisha kubera kubona abakaraza 12 b'umusaza Mugwaneza. Abasura bose baranyurwa, natwe bigatuma dutekereza ko aho dutuye hashobora no kuba isoko ry'ubukerarugendo."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine ashima uruhare rwa Mugwaneza mu kubyaza umusaruro umuco nyarwanda. Yavuze ko ari urugero rukwiye gukurikizwa n'abandi baturage, kuko gufata umuco nk'igisubizo byongera agaciro k'akarere.

Yagize ati: "Mugwaneza Jean ni umwe mu baturage baduhesha ishema. Kubona umuntu w'imyaka 68 akiri ku ruhembe rwo kurengera umuco no kuwubyaza inyungu mu mibereho ye, ni ubutumwa bukomeye ku rubyiruko. Ubuyobozi buzakomeza kumushyigikira kugira ngo n'ibikorwa bye bibashe gufasha n'abandi."

Uyu muyobozi yongeraho ko ubu buhamya bwa Mugwaneza Jean n'abaturage b'i Huro bugaragaza ko umuco gakondo ushobora kuba igisubizo cy'ubuzima bwiza n'iterambere rirambye mu Rwanda.

# Musanze: Kimonyi barinubira ruswa bakwa mu kurwanya imirire mibi



Mu Murenge wa Kimonyi haravugwa ruswa mu guhabwa inyunganiramirire

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Kimonyi, higanjemo ababyeyi; bavuga ko kugira ngo bemererwe guhabwa inkunga igenewe gufasha abana bafite ikibazo cy'imirire mibi, babanza gusabwa amafaranga ya ruswa cyangwa ayo bita ishimwe.***

Abo baturage bavuga ko nta muntu uhabwa inkunga yo mu nyongeramirire agomba kubanza gutanga ishimwe cyangwa se akanozangendo, waba ugiye kwinjira muri iyi gahunda cyangwa umaze kuyigeramo, abaparashosho (Abajyanama mu by'imirire).

Mukankusi Eugenie (izina yahawe), ni umwe mu babyeyi bo mu Mudugudu wa Ruhinga, Akagari ka Birira bafashwaga muri iyi gahunda, avuga ko yakuwe ku rutonde rw'abagenerwabikorwa nyuma yo kubura amafaranga ibihumbi bitanu yasabwaga, ibintu asanga bibangamye.

Yagize ati: "Nari ngenewe amafaranga yo gufasha umwana wanjye ngo ave mu mirire mibi, ariko bambwira ko ngomba kubanza gutanga ibihumbi bitanu. Kubera ko ntayabonye, bahise bankura ku rutonde, bivuze ko abajyanama mu byo kunoza imirire iyo udafite akantu nakwita ruswa ubwo uhita uva ku rutonde."

Undi muturage wo muri ako Kagari, avuga ko iki kibazo kibabangamiye cyane kuko hari ababyeyi abana babo basubira inyuma mu rugamba rwo gukurwa mu mirire mibi.

Yagize ati: "Hari ababyeyi b'abakene badashobora kubona ayo mafaranga. Aho kugira ngo barebe uko abana bava mu mirire mibi, bahita bayoboka izindi nzira nko gusabiriza. Ibi biratubabaza kuko ayo mafaranga yagenewe gufasha abaturage si ayo kubyaza inyungu, ibi nanone bituma ikibazo cy'imirire mibi kitava mu nzira."

Mukandayisenga Vestine izina yahawe, umubyeyi ufite umwana umwe uri mu mirire mibi, avuga ko kubanza gusabwa amafaranga ari uguca intege imiryango ikennye.

Yagize ati: "Iyo ubona umuntu uguhagarariye mu nzego akubwira ngo nta mafaranga y'ishimwe ngo uhabwe ibyo wemererwa n'amategeko, birakubabaza.

Hari abo byatumye, abana babo basubira mu mirire mibi ndetse hakaba n'abashobora kwitaba Imana, nyamara Leta yo yashyizeho uburyo abana bo mu miryango itishoboye bagenerwa amafaranga yo kubafasha."

Abo baturage basaba ko abishora mu bikorwa byo gusaba ruswa cyangwa ishimwe bajya bakurikiranwa ndetse bagakurwaho inshingano zo gufasha abaturage, kugira ngo gahunda ya Leta igere kuri bose nta vangura.

Uwanyirigira Clarisse, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, avuga ko gahunda yo gufasha abana bafite ikibazo cy'imirire mibi idasaba ikindi kiguzi, kandi ko abo bizagaragaraho bazahanwa n'amategeko

Yagize ati: "Iyi gahunda yo guha imiryango itishoboye inkunga ibafasha kwikura mu mirire mibi; itangwa ku buntu, nta kindi kiguzi gisabwa. Ubu rero ubuyobozi bugiye gukurikirana abo bose bashobora kuba basaba abaturage amafaranga kugira ngo bahabwe inkunga."

Ubusanzwe, buri mwana ugaragayeho imirire mibi ahabwa inkunga y'amafaranga ibihumbi 30 Frw mu gihe cy'amezi atatu (inshuro imwe mu gihembwe). Ariko abaturage bavuga ko hari abasabwa gutanga ibihumbi bitanu kugira ngo bakomeze guhabwa iyi nkunga, bikaba ari imbogamizi ikomeye ku miryango ikennye.

# Rusizi: Inyubako y'ubucuruzi n'ububaji yakongokeyemo ibya miliyoni 10 Frw

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Inyubako y'ubucuruzi y'uwitwa Ndayisabye Jean, ihereréye mu Mujyi wa Rusizi, Umudugudu wa Kabeza, Akagari ka Gihundwe, Umurenge wa Kamembe, mu Karere ka Rusizi, yafashwe n'inkongi y'umuriro ikongokeramo ibyakorerwagamo byose bifite agaciro ka miliyoni zizaga 10 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Iyo nyubako yafashwe n'inkongi y'umuriro ahagana saa tanu z'amanywa yo ku wa 24 Nzeri 2025, isanzwe ikorerwamo ibikoresho by'ububaji birimo intebe, ameza, ibitanda n'ibindi, hakanadoderwamo imisego y'intebe n'ibitanda ariko ibyo byose bikaba ari na ho bicururizwa.

Abakoreraga muri iyo nyubako barataka igihombo batewe n'iyo nkongi yaje ibatunguye, igasya itanzitse kuko yafashe mu bikoresho by'ububaji.



Ibyari mu nyubako yafashwe n'inkongi byatikiriyemo

Umwe mu bahakorera yavuze uko inkongi yatangiye agira ati: "Twabonye umuriro uguru-manye uhereye imbere mu nzu aho bakirira abakiliya baje kugura ibyo bahakeneye, hakurikiraho igice cyarimo ibyo bakoraga bitegerejwe kugurishwa n'igice cyabikwagamo ibyakoreshejwe baguraga bakabigurisha ababikeneye."

Avuga ko batabaye bakagerageza kuzimya bikanga, kizimyamoto ya Polisi irahagera irawuzimya, bituma udakwira mu zindi nyubako z'ubucuruzi ziyegereye.

Ndayisabye Jean, nyir'inyubako yahiye n'ibyo yakoreragamo byose, yabwiye Imvaho Nshya ko akeka umuriro w'amashyanyarazi kuko byabaye ahibereye, nta kindi cyabiteye.

Ati: "Nari mpibereye umuriro uturuka imbere mu nzu, yose irashya irakongora n'ibyarimo byose, ntacyo twarokoyemo, nta n'ubwishingizi ari inyubako ari n'ibyakorerwagamo twagiraga. Ni igihombo gikomeye cyane."

Umunyambanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kamembe Ingabire Joyeux, yihanganishije umuryango wahuye n'akaga, asaba abatuye uyu mujyi n'abawukoreramo kongera gusuzuma inyubako zabo niba insinga z'amashanyarazi zujuje ubuziranege, bakanagira ubwishingizi.

Ati: "Inyubako yahiye n'ibyarimo byose nta na kimwe cyagiraga ubwishingizi. Turongera kwibutsa abatuye n'abakorera muri uyu mujyi kugenzura inyubako zabo, ubuziranenge bw'insinga z'amashanyarazi bakoresha, n'ubushobozi bw'abazibashyiriramo kuko izimaze iminsi zishya muri uyu mujyi, hafi ya zose ni ibibazo by'amashanyarazi."

Yakomeje akangurira abacuruzi n'abafite inyubako z'ubucuruzi guha agaciro ubwinshingizi bw'ibyabo kuko bigenda bigaragara ko ahagize ikibazo cy'inkongi henshi nta bwishingizi baba bafite.

Yavuze ko ubukangurambaga bukomeje mu bacuruzi, abafite inyubako z'ubucuruzi n'abandi baturage ibi byombi bikitabwaho.





## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUZIMA

AKARERE KA NGOMA

IBITARO BIKURU BYA KIBUNGO

IKIGO NDERABUZIMA CYA KIBUNGO

ITANGAZO RYO GUTANGA ISOKO

Ikigo nderabuzima cya kibungo giherereye mu murenge wa Kibungo, akagari ka Cyasemakamba kiramenyesha barwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko cyifuza gutanga isoko ryo gukora ibi bikurikira:

| Izina ry'isoko | Igiciro cya DAO | Igihentarengwa cyogutanga amabahasha nokuyafungura muruhame |
|---|---|---|
| P000001/2025/2026/kibungohc fournitures des bureaux | 10000frw | 23/10/2025 saayinezamugitondo |
| P000002/2025/2026/kibungohc entretien moto&moteur | 5000frw | 23/10/2025 saayine zamugitondo |
| P000003/2025/2026/kibungohc achat de carburant | 5000frw | 23/10/2025 Saayine zamugitondo |
| P000004/2025/2026/kibungohc maintenance des mashine et IToutillages | 5000frw | 22/10/2025 Saayine zamugitondo |
| P000005/2025/2026/kibungohc marche d'Hygiene | 7000frw | 22/10/2025 Saayine zamugitondo |
| P000006/2025/2026/kibungohc marche de securite | 5000frw | 23/10/2025 Saayine zamugitondo |
| P000007/2025/2026/kibungohc achat de communication | 5000frw | 22/10/2025 Saayine zamugitondo |

1. Igitabo(had or soft copy) gihabwa umuntu ugaragaje inyemezabwishyu (bordereau original)yishyuriyeho amafaranga yavuzwe haruguru adasubizwa, Yishyuwe kuri konti Nº: 213/107368/1/5101/6 kibungohc iri muri GT BANK.
2. Abifuza ayo masoko bagomba kuba bagejeje ibyangombwa byabo mu bunyamabanga bw'ikigonderabuzima bitarenze tariki zavuzwe mumbonerahamwe.
3. Itariki yo gusura ni kuwa 17/10/2025 kuva saa tatu za mugitondo kugeza saa cyenda z'igicamunsi
4. Amabahasha azafungurwa mu ruhame rwa bose mu cyumba cy'inama y'ikigonderabuzima kugihe ntarengwa cyagaragajwe mumbonerahamwe
5. Ukeneye ibindi bisobanuro wakwandikira President w'Akanama k'amasoko Eric Sebuyange kuri : ericbuyange@gmail.com/or call 0738883989

Bikorewe I KIBUNGO, kuwa 22/9/2025

PEACE VENUSTE

Umuyobozi w'ikigo nderabuzima

## ITANGAZO RY'ISOKO

TENDER NOTICE

REPUBLIC OF RWANDA

SOUTHERN PROVINCE

MUHANGA DISTRICT

NYAMABUYE SECTOR

**Invitation for Bid No: 001/NCB/2025/2026/Nyamabuye Sector**

**Titre of tender: Construction works for unity and reconciliation house in Nyamabuye Sector**

Nyamabuye Sector hereby invites bids from eligible and qualified bidders to tender for the execution of Construction works for construction works for unity and reconciliation house in Nyamabuye Sector. The execution period is **two (2) calendar months**.

1. Interested eligible bidders may obtain further information through Land, infrastructures,Habitats and Community Settlement Officer via cyizere25@gmail.com or Tel: 0784220165.
2. Complete set of bidding documents in English may be obtained by interested bidders at Secretariat of Nyamabuye Sector after presentation of proof of payment of a non-- refundable fee of ten thousand (Frw 10,000) deposited to the account of Rwanda Revenue Authority Decentralized Taxes/Muhanga District account N.B Soft Copy of bidding document should be given via email free of charge.
3. The site visit is scheduled on **06th October 2025** and will be conducted by Land, infrastructures,Habitats and Community Settlement Officer. The venue for departure is fixed at Nyamabuye sector head office at 10:00AM,
4. Bids must be submitted in the secretariat of Nyamabuye Sector not later than 10th October 2025 at 10:00 Am local time. Bids will be opened in the Sector Meeting room the same date at 10:30 Am local time.
5. The bid will be valid for a period of 150 days from the deadline of bid submission is required

Sincerely,

NSHIMIYIMANA Jean Claude

Executive Secretary of Nyamabuye Sector

## ITANGAZO

UMUYOBOZI WA GOLDEN MONKEY HOTEL IKORERA I NYAMAGABE ARAMENYESHA ABAKOZI BAKURIKIRA BAKOZE MURI GOLDEN MONKEY HOTEL KO BAKENEWE KUGIRANGO BAHABWE UBWITEGANYIRIZA BW' ABAKOZI BATAHAWE

UWAMENYA UMWE MURI BO YABIMIMENYESHA

| Nº d'ordre | NOM | PRENOM | Nº d'ordre | NOM | PRENOM |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | NYANDWI | | 40 | MUTUYIMANA | CHRISTINE |
| 2 | NDAYISHIMIYE | ERNESTE | 41 | NGENDAHAYO | THEOPHILE |
| 3 | UWAMARIYA | JEANNINE | 42 | GAHAMANYI | VENUSTE |
| 4 | UWIHANGANYE | CLAUDE | 43 | MBARUSHIMIHIGO | VIANNEY |
| 5 | NSHIMYIMANA | MALAMU | 44 | SINDIKUBWABO | SAMUEL |
| 6 | KAMANA | jean paul | 45 | INGABIRE | DIANE |
| 7 | UWITARAKURAHWAMABOKO | VENUSTE | 46 | MUKAMANA | MARTHA |
| 8 | IRANKUNDA | LOUISE | 47 | MWIZERWA | DIEUDONNE |
| 9 | MUNYENDAMUTSA | ANTOINE | 48 | NTAGANDA | VIVENS |
| 10 | NSENGUMUREMYI | JEAN | 49 | KARIGIRWA | YVONNE |
| 11 | UWINEZA | SAKINA | 50 | SIDIKUBWABO | EMMANUEL |
| 12 | MUKANSANGA | BETTY | 51 | MUKASHEMA | JEANNETTE |
| 13 | SINDIKUBWABO | SAMUEL | 52 | NIZEYIMANA | BENJAMIN |
| 14 | UYISENGA | DONATHILE | 53 | CYIBUTSO | INES |
| 15 | HABUSENGA | VINCENT | 54 | IYAKAREMYE | AMRI DUWA |
| 16 | HABYARIMANA | BOSCO | 55 | BIMENYIMANA | THEONESTE |
| 17 | NISHIMWE | JEANNE | 56 | MUKESHIMANA | ISMAEL |
| 18 | NKUNZIMANA | IGNACE | 57 | NSHIMIYIMANA | MARCEL |
| 19 | NSEKANABO | CYPRIEN | 58 | UWIZEYIMANA | MEDIATRICE |
| 20 | UWINGABIRE | MARIE CLAIRE | 59 | AYIRWANDA | INNOCENT |
| 21 | GATABAZI | CALLIXTE | 60 | NSHIMYIMANA | ASSUMAN |
| 22 | NDAYAMBAJE | VINCENT | 61 | NIYONGIRA | ELIAB |
| 23 | MUKARUKUNDO | DELPHINE | 62 | UZABAKIRIHO | SETH |
| 24 | MUNYENDAMUTSA | ANTOINE | 63 | BIGIRIMANA | VIATEUR |
| 25 | NGENDAKUMANA | FABIEN | 64 | NGIRINSHUTI | DAMASCENE |
| 26 | MBONYUMUKIZA | AMINADABU | 66 | UWONKUNDA | |
| 27 | BIKORIMANA | VENUSTE | 67 | MUGARURA | BONIFACE |
| 28 | NDAMAGE | PACIFIQUE | 68 | UWIRINGIYIMANA | INNOCENT |
| 29 | NSHIMYUMUKIZA | MARC | 69 | UWAMARIYA | ESPERANCE |
| 30 | IRADUKUNDA | LOUISE | 70 | SIBOMANA | JEAN DAMASCENE |
| 31 | HAKIZIMANA | JOSUE | 71 | HABYARIMANA | VENUSTE |
| 32 | MUKANYAMWASA | CARITAS | 72 | NSABIMANA | INNOCENT |
| 33 | MUKESHIMANA | VERENE | 73 | MUTSINDASHYAKA | VENUSTE |
| 34 | MUTUYIMANA | CHRISTINE | 74 | NYAMINANI | HFRODOUARD |
| 35 | RUDOVIKO/NDAGIJIMANA | LOUIS | 75 | NSENGIYUMVA | HERMAN |
| 36 | MUCYO | BENJAMAIN | 76 | UWANYIRIGIRA | VENANTIE |
| 38 | KANKUYO | MARCELLINE | 77 | ABIJURU | ILLUMINEE |
| 39 | MUKAMUHIGIRWA | HENRIETTE | | | |

Bikorewe I Nyamagabe kuwa 23/09/2025

GOLDEN MONKEY HOTEL Tltd

NSHIMYUMUREMYI Jean Paul

Directeur

GOLDEN MONKEY HOTEL TEL: 252 535023-0788453186 NYAMAGABE - SUD

# The Ben agiye gutaramira i Manchester mu Bwongereza

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi The Ben, yateguje urubyiruko rw'Abanyarwanda baba n'abatuye mu Bwongereza ko vuba azabataramira Mujyi wa Manchester.***

Ni igitaramo cyiswe 'Liberation Cup Final & Youth Connect' kizaba ku wa 18 Ukwakira 2025. Cyateguwe na Rwandan Community in Greater Manchester (RCGM) gifite intego yo guhuza urubyiruko rw'Abanyarwanda baba mu Bwongereza, kikabafasha kuganira kuri gahunda z'Igihugu, gusabana no kwidagadura.

Mu butumwa yasangije abamukurikira ku mbuga nkoranyambaga yahereresheje integuza y'igitaramo yakanguriye urubyiruko kuzitabira bagasabana.

Yagize ati: "Ntugomba kuzacikwa n'iki gitaramo, utazavuga ngo sinakumenyesheje […] Dufite umunsi udasanzwe wiswe 'Youth Conneckt' uzatangira saa sita z'amanywa kugeza bucyeye."

Uretse kuba The Ben ategerejweho gutanga ibyishimo, muri icyo gitaramo hazaba n'ibiganiro bifite itego yo guteza imbere urubyiruko, bishingiye ku miyoborere



Umuhanzi The Ben azataramira i Manchester mu kwezi k'Ukwakira

n'ubuyobozi, gusesengura amahirwe yo guhuza imikoranire n'isoko ry'umurimo mu Rwanda, kuganira no guhura n'urundi rubyiruko rufite intego zo gutsinda no kwihangira udushya.

Umujyi wa Manchester waciye agahigo unamenyakana nk'igicumbi cy'imyidagaduro kubera uburyo wakira ibitaramo byinshi kandi bikagenda neza.

Biteganyijwe ko icyo gitaramo n'ibiganiro bizabera ku nyubako isanzwe yakira ibirori n'inama bitandukanye yitwa 'Belle Vue Leisure Centre, ihererereye ku muhanda KirkmanShulme Lane, Manchester, M12 4FT, guhera saa 12:00 zuzuye ku masaha yo mu Bwongereza (saa 6:00 z'amanywa ku isaha yo mu Rwanda).

The Ben agiye gutaramira mu Bwongereza nyuma y'uko aherutse gukoresha ibirori by'akataraboneka yakiriyemo inshuti ze agamije kwerekana imfura ye na Uwikeza Pamella, yaherukaga gutaramira mu Bwongereza mu Kwezi gushize cyabereye muri Coventry ahitwa Silver St.

# Alyn Sano yagaragaje ko yifuza umukunzi

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzikazi Alyn Sano yagaragaje ko akeneye umukunzi asaba ababyifuza ko bamwandikira.***

Ni mu butumwa yanyujije kuri Instagram ye ahashyirwa ubutumwa bumara amasaha 24 agaragaza icyifuzo cye.

Yanditse ati: "Ariko nshaka umunzi bagenzi...Munyandikire mu gikari (DM DM DM)"


Mbere y'uko yandika ibyo Alyn Sano yari yabanje kugaragaza ko ashobora kuba akeneye umuntu umuba hafi.

Yanditse ati: "Rimwe na rimwe tuba dukeneye guca mu bihe bidukomereye kugira ngo tumeye umunyamuryango wacu, inshuti yacu, abakunzi hamwe n'abaza mu buzima bwacu bitambukira."

Alyn aherutse kwandika ibintu nk'ibyo biteye impungenge abamukurikira ubwo yari afite ikibazo cy'amasezerano yari yarasinyanye na 'label' yo muri Amerika nyuma akaza gusanga nta kintu na kimwe byamufashaga uretse gusubiza inyuma umuziki we.

Icyo gihe yaranditse ati: "Ndazibukiriye. Ndibaza niba byose nanyuzemo byari bifite akamaro. Si buri nkuru yose igira iherezo ryiza. Wenda igihe kirageze ngo nshyire imbaraga ku bintu bifite umumaro kurushaho, sinzi! Ariko ndashimira cyane buri wese wambaye hafi. Ndabakunda."

Alyn Sano ni umwe mu bahanzikazi bakomeje kwagura umuziki wabo, akaba aherutse no gukorana indirimbo 'Chop Chop' na Bensoul wo muri Kenya.



Umuhanzi Alyn Sano arifuza umukunzi





# Tadej Pogacar yisubije Shampiyona y'Isi y'Amagare i Kigali yihimuye kuri Remco



Perezida Paul Kagame yambika umudali Tadej Pogacar

SHEMA Ivan

***Umunya-Slovenia Tadej Pogacar, yisubije umudali wa Zahabu muri Shampiyona y'Isi y'Amagare, nyuma yo gutsinda isiganwa ry'abagabo ryo mu muhanda, aho yakoresheje amasaha atandatu, iminota 21 n'amasegonda 20 ku ntera y'ibilometero 267,5.***

Kuri iki Cyumweru tariki ya 28 Nzeri 2025, ni bwo hakinwe Umunsi wa Munani ari na wo wasozaga Shampiyona y'Isi y'Amagare yaberega i Kigali ku nshuro ya 98, ahakinwe amasiganwa yo mu muhanda (Road Race) mu bagabo.

Abasiganwa bahagurukiye kuri Kigali Convection Center bafata umuhadaGishushu-MTN-MuKabuga ka Nyarutarama- kuzenguruka Golf- SOS- MINAGRI- Ninzi-KABC- RIB- MediHeal- Women Foundation Ministries (Kwa Mignone)- Ku Muvunyi- KCC.




Tadej Pogačar yongeye kwegukana umudali wa zahabu muri Shampiyona y'Isi y'Amagare ku nshuro ya kabiri yikurikiranya

Iyi ntera y'ibilometero 14,8 bayizengurutse inshuro icyenda.

Nyuma yo gusoza izo nshuro bafashe umuhanda wa: Kimihurura- Peyage- Rond-point Mu Mujyi- Ku Muhima- Nyabugogo- Kuri Ruliba- Karama ka Norvege- Nyamirambo Tapis Rouge- Kimisagara- Kwa Mutwe- Mu Biryogo- Gitega- Rond point mu Mujyi- Peyage- Mediheal- Ku Kabindi- KCC.

Iyo ntera bayinyuzemo inshuro imwe.

Nyuma yaho, bongeye gufata umuhanda wa: KCC – Gishushu-MTN-Mu Kabuga ka Nyarutarama- kuzenguruka Golf- SOS- MINAGRI- Ninzi-KABC- RIB- MediHeal- Women Foundation Ministries (Kwa Mignone)- Ku Muvunyi- KCC.

Aha na ho bongeye kuhazenguruka inshuro esheshatu, ndetse




Abakinnnyi batatu bahize abandi mu bagabo

ibilometero 267,5 biba birangiye.

Habura ibilometero 104 Tadej Pogacar, yongereye umuvuduko, ajya imbere anyuze kuri Julien Bernard.

Tadej Pogacar yakomeje kwitwara imbere wenyine, ndetse asiga abakinnyi batatu bamurikiye barimo Remco umunota n'amasegonda 17.

Uyu mukinnyi w'imyaka 27 yageze kuri Kigali Convection Center ari uwa mbere maze yisubiza Shampiyona y'Isi y'Amagare ya 2025, aho yakoresheje amasaha atandatu, iminota 21 n'amasegonda 20.

Umubiligi Remco Evenepoel wari wamukojeje isoni muri "Time Trial" yakinwe ku munsi wa mbere i Kigali, yagize ikibazo cy'igare mu bilometero 75 bya nyuma, intera iriyongera, ndetse yongera kumukurikira mu bilometero 20 bya nyuma, ariko birangira atamushyikiriye, ahubwo hagumamo intera y'umunota n'amasegonda 28.

Umudali w'umwanya wa gatatu wegukanywe n'Umunya-Irlande, Ben Healy, wasizwe iminota ibiri n'amasegonda 16.

Abanyarwanda batandatu bitabiriye isiganwa ari bo Byukusenge Patrick, Masengesho Vainqueur, Nkundabera Eric, Muhoza Eric, Manizabayo Eric 'Karadiyo' na Nsengiyumva Shemu nta n'umwe wasoje.

Mu bakinnyi 165 batangiye, hasoje 31 gusa ndetse nta Munyarwanda wasoje iri siganwa muri batandatu barikinnye.

Biteganyijwe ko Shampiyona y'Isi y'Amagare ya 2026 izabera mu mujyi wa Montréal muri Canada guhera tariki ya 20 kugeza ku ya 27 Nzeri.

Imvaho Nshya

# Siporo

NO .E-32 TARIKI 23-29 NZERI 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



# Rayon Sports yasezerewe muri CAF Confederation Cup



**Rayon Sports yasezerewe muri CAF**

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yasezerewe muri CAF Confederation Cup nyuma yo gutsindwa na Singida Black Stars yo muri Tanzania ibitego 2-1 mu mukino wo kwishyura, isezererwa ku giteranyo cy'ibitego 3-1 mu mikino yombi.***



**Rayon Sports yasezerewe muri CAF Confederation Cup ku giteranyo cyibitego 3-1 mu mikino yombi**

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku wa Gatandatu, tariki ya 27 Nzeri 2025, kuri Azam Complex.

Rayon Sports yagiye gukina uyu mukino iri inyuma ya Singida Black Stars ho igitego 1-0 yatsindiwe i Kigali mu mukino ubanza wabereye kuri Kigali Pelé Stadium.

Umutoza wa Rayon Sports, Afhamia Lotfi, yari yakoze impinduka mu bakinnyi 11 babanje mu kibuga ugereranyije n'umukino aho Serumogo Ali, Adama Bagayogo na Nshimimana Fabrice babanje hanze; mu gihe hagiyemo Youssou Diagne, Musore Prince, Bigirimana Abedi, ni mu gihe Tony Kitoga yasimbuye Ndikumana Asman wavunitse.

Ni impinduka nziza kuko ku munota wa 37, Gloire Tambwe Ngongo yatsinze igitego cya mbere, aherejwe umupira na Bigirimana Abedi wakinanye neza na Richard Ndayishimiye bakina mu kibuga hagati.

Ni ibyishimo bitamaze akanya kuko abakinnyi bo mu bwugarizi bwa Rayon Sports bwajegajegaga bahagaze nabi, Hervis Lupia wari wabuzonze acika Musore Prince ahereza umupira Idriss Diomande ku munota wa 44 yishyura iki gitego.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

Mu gice cya kabiri, Singida black Stars yongereye imbaraga, isatira Rayon Sports karahava kugeza ubwo yabonaga imipira myinshi y'imiterekano yiganjemo koruneri.

Koruneri yo ku munota wa 57 yavuyemo igitego cya kabiri cya Singida Black Stars, ku makosa yakozwe na Pavelh Ndzila wari witwaye neza agerageza gutabara ikipe ye, ariko ananirwa gufata umupira ngo awukomeze ahubwo umuca mu biganza, myugariro wa Singida Black Stars Anthony Trabi wari umuri hafi awutereka mu izamu.

Nyuma yo gutsindwa mutoza wa Rayon Sports, Afhamia Lotfi, yakoze harimo gushyira mu kibuga Aziz Bassane, Harerimana Abudalaziz na Mohamed Chelly, agakuramo Niyonzima Olivier 'Seif, Habimana Yves na Tony Kitoga.

Izi mpinduka ntacyo zatanze kuko ntibyabujije ubusatirizi bwa Singida Black Stars gukomeza gukinira mu kibuga cyayo, no kurusha Gikundiro mu buryo bugaragara cyane.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinzwe na Singida Black Stars ibitego 2-1 mu mukino, isezererwa ku giteranyo cy'ibitego 3-1 mu mikino yombi.

Mu rugendo rugana mu matsinda, Singida Black Stars izahura n'ikipe izakomeza hagati y'impande zombi izahura n'izava hagati ya Flambeau du Centre yo mu Burundi na Al Akhdar SC yo muri Libya bizikiranura ku Cyumweru, tariki ya 28 Nzeri 2025.

Ikipe y'i Burundi yatsinze iyo muri Libya ibitego 2-1 mu mukino wabanje.



**Tambwe Gloire wa Rayon Sports ni we wayitsindiye igitego**